INYIGISHO YA BURI MUNSI

INGINGO YA 2

Mat-Gic-Kam 2023

# InkuruNziza

BURI MUNSI



**NTA KIGUZI**

KUGURISHWA NTIBYEMEWE

IYI NYIGISHO YAMAZE KWISHYURWA N'ABAFATANYABIKORWA KUGIRA NGO ISAKAZWE KU BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka,
ni ko N'InkuruNziza zimera zivuye mu gihugu cya kure (Imigani 25:25)

Uebert & BeBe
ANGEL




# UEBERT & BEBE ANGEL

Hamwe n'imyaka y'umurimo w'Imana inyuma yabo, Uebert na Bebe Angel ni abapayiniya n'amajwi ari imbere mu gutangaza Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana (Euaggelion) no gukora kwa gihanuzi ku isi. Hagati muri bo, ni abanditsi bahize abandi mu kugurisha ibitabo bya Spiritual Warfare, Intimacy, Prayer Banks, Supernatural Power of The Believer, n'ibindi. Ubert na Bebe Angel bashakishwa ku ruhando mpuzamahanga, kandi nk'abayobozi ku rwego rw'isi, ni ibyitegererezo bikomeye kubw' intumbero yabo, udushya, no gushira amanga. Nk'abatangije Itorero ry'ubutumwa bwiza (Spirit Embassy) n'abafite ibiro by'abahanuzi, bazanye impinduka mu buzima bw' amamiliyoni y'abantu ku isi hose binyuze mu ishyaka ryabo ryo gucungura ubugingo mu kuzana ihishurirwa ry'Inkuru Nziza y'ubuntu bw'Imana (Euaggelion)

## INTWARO YAWE IRUSHA IZINDI GUKOMERA



**Yakobo 3:5**
**N'ururimi na rwo ni ko ruri: ni urugingo ruto rukirarira ibikomeye. Murebe namwe ishyamba naho ari rinini rite, uburyo ritwikwa n'agashashi gato cyane!**

Ibihugu bikomeye byirata kandi bikanyurwa bitewe n'intwaro zikomeye zabyo. Hagendewe gusa ku bubiko bw'intwaro, ibihugu bimwe byitwa ko ari bito ku bindi. Intwaro yawe ni imbaraga zawe! Ufite intwaro iruta imbunda, grenade, cyangwa igisasu cya kirimbuzi. Igihe ukoresheje iyo ntwaro, ubuzima bwawe ntabwo buzongera kuba uko bwari bumeze ukundi, kandi intsinzi yawe irenze kuba yemejwe.

Mu cyanditswe uyu munsi, Bibiliya ivuga ku rurimi uburyo ari urugingo rurusha izindi kuba ruto mu mubiri ariko rukaba rubasha gutwara byinshi. Ibuka, ijambo ryakoreshejwe muri Bibiliya nk' "ururimi" cyangwa "akanwa" ni ijambo ry'Igiheburayo "stoma", rivuze icyuma cyangwa intwaro ikata. Ufite intwaro mu kanwa kawe niyo moamvu hamwe n'akanwa kawe, ushobora kwica, kubaka cyangwa gusenya. Koresha iyo ntwaro nmu bwenge, uzubaka ibihugu.

Uyu munsi, fata icyemezo nkana ko gukoresha akanwa kawe mu bwenge. Ibuka ko igihe uhaye umwana intwaro, ibyago ntaho wabihungira kuko intwaro ishyirwa mu maboko y'umuntu ufite ubumenyi. Ururimi rwawe ni urwo kugira ngo wubake, si urwo gusenya. Vuga gutera imbere, imbaraga, no kugenga mu gice cyose cy'ubuzima bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ururimi rwanjye ni intwaro. Ndategeka kandi ndatura ko nzaganza. Ubuzima buri gukora kuri buri gice cy'ubuzima bwanjye. Ndavuga ubuzima kuri buri kintu gipfuye mu buzima bwanjye mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Imigani 8:7



**Matayo 13:24**
**Nuko abacira undi mugani aravuga ati "Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'umuntu wabibye imbuto nziza mu murima we;**

Sisitemu y' intambara yo mu mazi imenyereye cyane abakapiteni, n' inshingano zabo zirenga izo kuba abayobozi b'amatsinda gusa. Umuryango w'ibihugu bigize isi ufite imirongo ngenderwaho igenga amato manini, abakapiteni, n' abanda bose bagenda mu mazi magari. Ni inshingano ya Kapiteni gusa kumenya neza ko amategeko yose y'umutekano yubahirijwe, ingengabihe zakurikiwe, kandi ko itsinda rye rikurikiza imirongo ngenderwaho yose. Inshingano z'umukapiteni ziruta kwerekana aho berekeza ahubwo gukora ku buryo ibintu byose biri mu bwato bizagera aho bigeye amahoro, nta kwangirika, kandi nta kibazo biteje ku bandi bari mu nzira imwe y'amazi.

Hari ikintu kiri hejuru y'aba bakapiteni ba siporo n'ingendo zo mu mazi, ni abakapiteni b'umwuka n'imbyaro. Uhagarariye umuryango cyangwa umusozi … kandi uri kapiteni w'abagukikije. Bibiliya yahishuye ko umugabo mwiza yateye imbuto nziza, ariko umwanzi aza igihe abagabo bari basinziriye. Iyo abakapiteni b'imbyaro basinziriye, umwanzi azatera imbuto ye.

Muri iki Gihe cy'Ubuzima Bwimbitse, nta gukina, bivuze ko nta mwanya wo gusinzira igihe umwanzi ari gutera kutumvikana, urujijo, no kugozwa isoni hagati muri twe. Turi ku burinzi mu gusenga no kwinginga, kandi ntabwo tuzaruha kuko turi abakapiteni b'imbyaro.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**I am a generational captain, and my family shall be safe beNdi kapiteni w'urubyaro, kandi umuryango wanjye uzaba amahoro kubera njye. Nta mwanya w'umwanzi, kuku ndi ku burinzi mu gusenga no kwinginga mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Ezekiyeli 33:2-5



**Abaheburayo 12:28**
**Ni cyo gituma ubwo twakira ubwami butabasha kunyeganyezwa, dukwiriye gukomeza ubuntu bw'Imana kugira ngo tubone uko dukorera Imana nk'uko ishaka, tuyubaha tuyitinya:**

Iyo itara ryakijwe, ubona udukoko turizengurutse, kandi ni urwo rumuri rukurura udukoko, ariko niwitegereza neza, uzabona utwo dukoko dutangiye kwegera kure. Dushobora kuza dushaka urumuri, ariko urwego rw'umuriro ntabwo ari ikintu twafata byoroshye. Bibiliya ivuga ko Imana ari umucyo, ariko ni n' "umuriro ukongora". Yavuze ko turi umucyo w'isis, ariko mu cyindi cyanditswe, yatugize, abagaragu baYo, ibirimi by' umuriro.

Uri imbuto ya Kristo, ntabwo uri umucyo gusa ari "ibirimi by'umuriro". Benedata, urashyushye cyane ngo ubashwe! Indwara, guhagarikwa, n'ibyago ibyo ari byo byose nta mwanya bifite mu buzima bwawe. Umuriro uratwika, umuriro urateka, uringira, kandi urica! Ku kintu cyose kiri kukubangamira uyu munsi, igisubizo ni UMURIRO! Ndategeka umuriro w'Umwuka Wera gutwika buri bubiko by'umwanzi mu buzima bwawe mu izina rya Yesu. Genda, ufungure ku Ijambo, kandi usenge. Amasengesho yawe ntabwo ari amagambo gusa ahubwo ni amakara y'umuriro atwika buri miterere yo guterwa kwa Satani mu buzima bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ishusho y'umuriro. Nta mwanya ikimwaro n' igisuzuguriro mu buzima bwanjye. Ndategeka umuriro w'Umwuka wero gutwiko buri bubiko bw'umwanzi mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yeremiya 20:9



**Matayo 17:1**
**Iminsi itandatu ishize, Yesu ajyana Petero na Yakobo na Yohana mwene se, bajyana mu mpinga y'umusozi muremure bonyine.**

Ibyogajuru iyo bitumbagizwa mu burebure buhambaye bituruka ku gutwikwa kuva mubigihereza imbaraga. Icyuma cy'umuzenguruko cyangwa icyogajuru gihaguruka ku butaka kiri hamwe n'ibigiha imbaraga, ariko nyuma y'igihe gito, uzabona ibyagihaga imbaraga bigwa ku butaka. Bibibliya ivuga ko igihe Yesu yagiye ku musozi, Yajyanye n'abigishwa bake batoranyijwe, Yahisemo muri cumi na babiri. Ntabwo bivuze ko Yesu atakundaga abandi bigishwa, ariko ntabwo ari bantu bose bakwakira izindi nzego z'ubwiza. Yariye umutsima n' ifi hamwe n'imbaga, ariko mu kujya ku guhindurwa, ni bake gusa bagize amahirwe yo kubibona.

Hashobora kuba hari abantu bagusize, mu bucuruzi bwawe, muri minisiteri yawe cyangwa ibindi, ariko menya ikintu kimwe: abagenda ni gake cyane baba bahuye n' iherezo ryawe. Abantu bamwe ntabwo babasha uburebure bwo hejuru aho Imana ibajyana. Ushobora kubabura kuko badashobora uburebure bw'aho Imana iri kukujyana. Ntukagire impungenge iyo baretse kugusura, kuguhamagara, cyangwa kumenya ibyawe kuko Imana iri kukujyana mu zindi nzego z'ubuzima. Ubwo usoma ubu butumwa bwa gihanuzi, uri gutumbagizwa mu burebure buhambaye. Intsinzi yawe iregereje, kandi isi izitegereza ubwiza bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umujyi uhagaritswe ku mpinga, kandi sinshobora guhishwa. Ndasenga kandi ndahanura ko uyu mwaka, ndi kujya mu nzego zo hejuru, kandi ntakizampagarika mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yuda 1:4



GoodNews DAILY



**1 Timoteyo 4:15**
**Ibyo ujye ubizirikana kandi abe ari byo uhugukiramo, kugira ngo kujya mbere kwawe kugaragarire bose.**

Inda ishobora guhishwa ukwezi kumwe kugera kuri atatu cyangwa kurenza, ariko hari igihe utaba ukibashije kuyihisha. Ibi bikora no ku mugisha w' Umwami; uko washaka kuwuhisha kose, uzamenyekana mu ruhame. Mu cyanditswe cyacu uyu munsi, Intumwa Pawulo yabwiye umwana we gutekereza byimbiste ku mategeko y'Imana kugira ngo "kunguka kwe kugaragarire bose" byari nk'itegeko gutekereza byimbitse cyangwa kujya mu Ijambo kugira ngo buri muntu wese abone ko Ijambo n'ihishurirwa wizeye rikora. Benedata, ntabwo turamya Imana yapfuye, ariko Imana yacu igira uruhare mu bintu by'ikiremwa muntu.

Ubuzima bwawe buzaba icyitegererezo cy'ibyo Imana ishobora gukora mu buzima bw'umuntu. Binyuze mu Ijambo n' amasengesho yawe, Imana izakugira urugeri ruri mu ruhame rw'imigisha yayo bwite. Kunguka kwawe kuzagaragarira bose. Ntabwo uzabasha kubihisha kuko Imana yacu yavuze ko Izaguha umusaruro ari nta bubiko bwawubasha. Uzaba urugero ko hari Imana iriho. Shyira iri Jambo ku mutima, ryirukankane, nta kabuza uzagarukana ubuhamya!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Umugisha w'Umwami uri kuri njye kandi ubwiza bwe buzamba-ho iminsi yose y'ubuzima bwanjye. Benshi bazabona umucyo w'Umwami binyuze mu buzima bwanjye mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
2 Abakorinto 9:8



**Yohana 18:37**
**Pilato aramubaza ati "Noneho ga uri umwami?" Yesu aramusubiza ati "Wakabimenye ko ndi umwami. Iki ni cyo navukiye kandi ni cyo cyanzanye mu isi: ni ukugira ngo mpamye ukuri, uw'ukuri wese yumva ijwi ryanjye.**

Akamaro ni uburyo bwo kuba ingirakamaro mu gihe runaka cyangwa ahantu runaka. Iyo ikintu gitaye agaciro cyangwa akamaro, nta mpamvu izaba ihari zo kugumana icyo kintu. Ayo mahame ni nayo agenga isi y'umwuka. Impamvu yawe nyamukuru yo kubaho ni akamaro, kandi igihe uretse kugira akamaro, uba uri umukandida w'urupfu no kugenda. Yesu yabayeho imyaka igera kuri mirongo itatu n'itatu y'amavuko benshi muri mwe mwavugako ari mike cyane kuburyo yapfa, ariko ubutumwa Bwe bwari bwasohojwe. Yari yujuje ugushaka kwa Se ku Isi.

Kuva uyu munsi ucike urupfu, indwara n'ibyago mu kwereka Imana ko witeguye kuba igikoresho cy'icyubahiro. Bajya bagira icyo Babura iyo udahari ku itorero ryawe, mu muryango n'ahandi? Niba Atari uko biri, nta mpinduka cyangwa se umumaro uri kongera mu muryango. Ndagusengera uyu munsi kugira ngo uzabe uw' umumaro mu izina rya Yesu! Ubwo usoma ubu butumwa bwa gihanuzi, anga kuba umuntu usanzwe ahubwo ube igikoresho cy'icyubahiro.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi igikoresho cy'icyubahiro mu nzu y'Umwami. Ubuzima bwanjye ni igisubizo ku rubyaro rwanjye. Nzarama kugira ngo mbone ineza y'Umwami mu buzima bwanjye. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
2 Timothy 2:21



**Matayo 10:30**
**Ndetse n'imisatsi yo ku mitwe yanyu irabazwe yose.**

Imana ikwitayeho kurusha uko wowe wiyitaho. Nta kintu kinini itabasha kurambura ukuboko ngo ikemureke cyangwa se gito kuburyo itagiha umwanya. Irakwegereye kurusha uko wiyegereye ubwawe. Ibibazo by'ubuzima bishobora gutuma wumva uri kuri ya sobuja, ariko umwanya We uracyari umwe kuva mu iteka ryose ryashize kugeza mu iteka ryose rizaza. Bibiliya ivuga ko Yabaze imisatsi ku mutwe wawe.

Ibi byumvikana nk'ibidasanzwe kuri wowe kuko ntabwo ubona impamvu yo kwita ku gasatsi gato kamwe. Menya iki, ijambo ryakoreshejwe nko "kubara"ntabwo ari ukubara rusange. Kugira ngo ubone ugukomera kwabyo, ijambo "kubarwa" bivuze "gukoda", nk'aho buri musatsi wawe ufite kode yawo yihariye. Iyo utaye agasatsi kamwe aho wiyogosheshereza, Imana izavuga, "umusatsi nimero 00024 iraguye", uru ni rwo rugero ibyitayeho.

Benedata, niba Imana ishobora guha umwanya utuntu duto ku musatsi wawe, byamera bite ku bucuruzi bwawe, urushako, ubuzima, n'amashuri? Ikora ibirenze kubyitaho, kandi uzabona impinduka iza iwawe mu izina rya Yesu! Ijisho ry' Umwami riri ku bintu byose bijyanye n'ubuzima bwawe, kandi agukunda kurusha uko wowe wikunda.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ijisho ry'Umwami rindiho 24/7, kandi Ubwiza bwe ku buzima bwanjye buzagaragarira benshi. Sinzatsindwa kandi nta cyo ntatakaza, kuko Imana iri mu byanjye iminsi yose y'ubuzima bwanjye. Amen!**

**BYANDITSWE**
1 Petero 5:6



**2 Petero 1:16**
**Burya ntitwakurikije imigani yahimbwe n'ubwenge, ubwo twabamenyeshaga imbaraga z'Umwami wacu Yesu Kristo no kuzaza kwe, ahubwo twiboneye n'amaso yacu icyubahiro cye gikomeye.**

Ukwemera ni imiterere yo kwakira ko ikintu kibaho cyangwa se ari icy'ukuri, cyaba gifite gihamya cyangwa ntayo. Kugira ngo wowe ube umugabo cyangwa umugore, niba ubyemera ni ikibazo. Daniyeli 7:22 Ntabwo ubyemera, uri we. Ariko "urabizi" uri we. Ufite ubumenyi buva mu burambe kubyo uri kuvuga. Kwemera ni urwego rwo hasi. Bisiga umwanya wo kuburana n'imiryango yo gushidikanya.

Intumwa yaravuze ngo iyo twakurikiraga cyangwa tukavuga ibijyanye na Yesu, ntabwo ari nk'izi nkuru, ariko twari abahamya b'ibi bintu. Muri ministeri yacu, twabonye Imana ikora ibitangaza bidatekerezwa, kuva ku gukira n'amafaranga y'ibitangaza ku kuzura! Muri twe, nta mwanya wo gushidikanya. Turi ku rwego rwiza kurushaho, rurenze kure kwemera. Ni urwego aho ibimenywa n'umenya baba umwe.

Turamya Imana ikora ibitangaza bitagira umubare kandi menya ko Iri muri twe. Fata ikirere cyawe hanyuma utegeke ibizahindura ubuzima bwawe burundu. Imana irahari kandi nta gicu cyo gushidikanya gihari. Icyo ubuzima cyakujugunyaho cyose, Iracyari Imana, kandi ubukuru bwaYo buri hejuru cyane y'ibibazo byacu. Yarahabaye mbere yo gutangira kw'igihe kandi nkuru kurusha ibibazo byanjye. Niyo mpamvu tumwita Umukuru w'Ibihe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Imana yanjye ni Imana iriho, ndamya Imana ibasha guhindura amateka yanjye mu sogonda rimwe kandi uyu munsi ubuzima bwanjye burimuka. Amen!**

**BYANDITSWE**
Daniyeli 7:22



GoodNews DAILY



**Yoweli 4:10**
**Amasuka yanyu muyacuremo inkota, n'imihoro yanyu muyicuremo amacumu, n'umunyantegenke na we ahige ko ari intwari.**

Satani ni ikiremwa cy'umwuka cyapfuye mu buryo bw'umwuka kubera gutandukanywa kwe n'utanga ubuzima. Hari ibintu atamenya kuri wowe utamwihereye amakuru. Kuva mu minsi ya Adamu kugera kuri Yobu, umugambi we ni ukubona amakuru ayakuye ku muntu. Ashobora kumenya ko urwaye cyangwa ko uri mu bibazo mu byo uvuga n'ibyo watura gusa. Afata incamake, agashushanya ikarita abikuye ku ngingo umuha bivuye mu biguhangayikishije. Iyo ibinyuranye n'ibyiza bivuzw cyangwa uburyo bwose bwo kutanyurwa bubayeho, azafatamo ikintu hanyuma agifore ku ntego.

Bibiliya yawe iviga ngo, "reka abanyantege nke bavuge ko ari abanyembaraga…" bitari ukubera gukira kwabayeho ahubwo kubera kwizera dufite mu mutware wa byose, Yesu Kristo. Itegereze ko Bibiliya itavuze ko uzakomera, niyo mpamvu uvuga ngo, "Ndakomeye". Icyanditswe kiduhishurira ko nubwo ukiri umunyantege nke, wumva ububabare n'ibintu bizenyuk, vuga ko ukomeye. Ntutegereze ko amafaranga aza. Uyu mwaka, umwaka w'amafaranga, atura gusa ko amarafaranga aje ucange umwanzi. Satani ntabwo azigera agira icyo atwara umuntu uvuga intsinzi igihe cyose!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndategeka kandi ndatura ko muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, amafaranga azaza iwanjye mu bwinshi, nshinzwe mu Ijambo ry'Imana kandi intsinzi ku mwanzi ni iyanjye! Halleluyah!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Yohana 4:4



**Abagalatiya 2:2**
**Njyanyweyo n'ibyo nahishuriwe. Nuko mbasobanurira ubutumwa bwiza mbwiriza mu banyamahanga, icyakora mbubasobanurira abakuru bashimwa twiherereye ngo ntirukira ubusa, cyangwa ngo mbe narirukiye ubusa.**

Isi ifite ibipimo byayo ku bijyanye no gutera imbere, ariko nk'abana b'Imana, dufite inzira yacu. Ibuka, turi mu isi ariko ntabwo turi ab'isi. Pawulo yaravuze ngo najyanyweyo n'ihishurirwa! Ihishurirwa ni ugufunguka kw'amaso, nko gukurwaho kw' ibihu. Gutera imbere ni umusaruro w'ihishurirwa ufite. Binyuze mu buntu bw'Imana, nakoreshejwe bikomeye mu buryo bwa gihanuzi no gukiza, ariko ibyo byose ntabwo ari byo bikuzamura cyangwa bikujyana hejuru. Ni ugusobanukirwa kwawe kw' Ijambo kugenga ubutumburuke bwawe mu buzima.

Amafaranga yawe, ubuzima, n'ubucuruzi byose bifashe ku ihishurirwa ufite ry'Ijambo ry'Imana. Ubwo ujya ibwina mu Ijambo ry'Imana guhera uyu munsi, umucyo uri kuza iwawe, kandi inyungu iremejwe. Ihe Ijambo, aririyo Bibiliya yita Ijambo ryihamye rya gihanuzi, kandi ubuzima bwawe ntibuzigera buba bumwe! Ijambo ry'Imana ni ryo rugero ryo gutera imbere.

Ubwo usoma iyi ntumwa ya gihanuzi, ndabona umucyo umurika ku mafaranga yawe, ubucuruzi, ubuzima n'imishinga. Uzaba umusaruro w'Ijambo kandi ubuzima bwawe buzaba ubuhamya mu izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ijambo ry'Imana rirahagije kandi rifite imbaraga kurusha ikindi kintu cyose. Ndiyemeza gusoma Ijambo, kandi ni koko nzagarukana ubuhamya.**

**IBINDI BYANDITSWE**
2 Petero 1:3



**2 Abakorinto 5:20**
**Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiyunge n'Imana.**

Umwambasaderi ni dipolomate wemewe woherejwe n'igihugu cyangwa leta imwe ku gihugu cy'amahanga nk'ugihagarariye. Umwambasaderi atungwa gusa n' ibiva mu gihugu cye kavukire. Umwambasaderi wa Amerika muri Afurika y'Epfo ntabwo agerwaho n'impinduka zishobora kuba mu bukungu bwa Afurika y'Epfo kuko isoko yabo ni igihugu cyabo kavukire. Ikindi, ubuturo bwa ambasade y'Amerika mu gihugu cyawe ni nk'Amerika ku rwego aho iyo ukandagije ikirenge yo, mu migenzo ya diplomasi, ubarwa nk'uri muri Amerika.

Gumana nanjye aha. Bibiliya ivuga ko turi abambasaderi ba Kristo, `bivuga ko duhagarariye Imana hano ku Isi. Rero, kubura ntabwo ari umugabane wacu kuko igihugu cyawe kavukire ni icy'Ijuru kandi mu Ijuru nta kubura cyangwa ubusa busa. Tubaho ubuzima bw'Ijuru ku Isi kandi ibigega byacu ntibizashira. Gorora ibitugu, hanyuma wature ko uzabaho ubuzima bw'Ijuru ku Isi, kuko uri umu ambasaderi wa Yesu Kristo!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ambasaderi wa Yesu Jristo kandi sinzigera mbura ikintu cyiza icyari cyo cyose mu buzima bwanjye. Ubukene ntabwo ari umugabane wanjye mu izina rys Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yohana 1:12-13



**Yeremiya 1:4-5**
**Nuko ijambo ry'Uwiteka rinzaho riti, "Nakumenye ntarakurema mu nda ya nyoko kandi nakwejeje utaravuka, ngushyiriraho kuba umuhanuzi uhanurira amahanga."**

Icyanditswe cyacu cy'uyu munsi ni kimwe abakristo bajya bavuga ko bazi ariko Babura ihishurirwa ryimbitse ribumbiye muri cyo. Ikiguhindura ntabwo ari ugusubiramo ibyanditswe ahubwo kugira ihishurirwa rikwiriye ry' icyanditswe kandi ukarikoreramo. Ihishurirwa ry' Ijambo ry'Imana ni ryo rikuzamura. Gutera imbere kwawe gushingiye ku ihishurirwa ufite.

Umwami yabwiye Yeremiya, "Nakumenye ntarakurema mu nda ya nyoko". Ijambo "kumenya"ni ijambo "Yada"- mu giheburayo risobanuye kugira ubumenyi bw'uburambe. Ni nk'aho Imana yagiranye uburambe bwite na Yeremiya mbere yuko inamurema vmu nda ya nyina.

Benedata, wabagaho ahantu mbere y'uko uza ku isi. Imana ikuzi kurusha umuntu uwari we wese ushobora kugerageza kugumanura hasi. Ufite gihamya gikomeye cyo gutera imbere kiva ku wakumenye mbere y'incuti yawe, umwarimo cyangwa umushumba, kurusha uwari we wese. Imana yagukoze kubw' intsinzi no gutera imbere kandi ntizigera yemerera uwari we wese kugukinira hasi. Uri igihangange n'unyeganyeza isi.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nabyawe n'Imana, kandi nta kintu kizahagarika iterambere ryanjye muri ubu buzima. Navukiye kuganza no gutwara ubwami mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Zaburi 23:1-2



**Abaroma 8:37**
**Oya, ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze.**

Inyito ababa ku rugamba rw'amasengesho ni imwe ihabwa abinginzi hafi ya bose. Iyo ivuzwe, byumvikana nk'aho gusenga ari urugamba, kandi abantu bahora barwana n'ikintu cyangwa umuntu banganya imbaraga. Icyanditswe cyacu cy'uyu munsi kivuga ko turenze abanesheje, bivuze ko iyo umuntu arenze uwanesheje, uwo muntu yarenze urwego rwo kurwana. Abanesheje nibo bari ku rwego rwo kurwanat, ariko abarenze abanesheje ni abamaze gutsinda, bakaba bicaye, bishimira iminyago y'intsinzi yabo.

Ibuka, satani yatsinzwe kera n'igihe dusenga tuba dushimangira gusa intsinzi yacu, yamaze gutsindwa na Yesu Kristo. Uri guhangana n'umwanzi watsinzwe, rero, nta ntambara namba ihari, shimangira gusa ibyakozwe na Yesu Kristo imyaka ibihumbi ishize. Ntukemerere ubwenge bwawe gutekereza, ari hejuru mu buryo ubwari bwo bowse. Fata ikirere cyawe watura ko ikirere cyawe n' ibintu byose ukozeho biri munsi y'ubugenzuzi bw'ijuru. Uri Ijuru ku Isi kandi nta mwanya wo gutsindwa. Halleluyah!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndetse uwanesheje, intsinzi ni iyanjye igihe cyose. Ndategeka intsinzi mu bintu byose nkoraho kandi uyu mwaka nzabaho koko Ijuru ku Isi mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abefeso 1:22



**Abefeso 5:30**
**kuko turi ingingo z'umubiri we**

Abakristo benshi baracyazitiwe ku ihishurirwa yuko bayobowe n'Imana. Byumvikana nk'aho ari iby'umwuka cyane iyo uvuga ko uyobowe n'Imana, ariko iyo ni imyumvire yo hasi y'icyo Bibiliya ivuga. Icyanditswe cyacu heju-ru kivuga ko turi ingingo z'umubiri we, bitari ibyo gusa ahubwo turi amagufa n'inyama. Uzi icyo ibi bivuga? Turi tukiyoborwa na Kristo ahubwo turi ishusho ye. Ntabwo akikuyobora, ahubwo ari muri wowe. Ubwo agenda nawe uragenda. Iminsi yakuyoboraga yarashize, ubu utambuka uko atambuka.

Reka iyi myumvire ikujyemo, uzaganza mu mwanya wawe. Nta hejuru hari hejuru y'Isumba byose. Buri mupaka cyangwa ikibazo byashyizwe mu nzira yawe ntacyo biri cyo iyo uri muri Kristo kandi Kristo ari muri wowe. Reba ibintu byose bigukikije n'iyi myumvire ko uri ishusho ya Kristo. Muri Kristo Yesu uriho, uragenda kandi ufite ubugingo. Vuga ubuzima muri buri gice cy'ubuzima bwawe bwahagaze, uzabona impinduka. Ururimi rwawe ni ururimi rwa Kristo; rero, vuga ubuzima mu izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ishusho ya Kristo Yesu, ururimi rwanjye ni urutanga ubuzima, Ndatura urukundo, amahoro n'iterambere muri buri gice cy'ubuzima bwanjye mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Ibyakozwe n'Intumwa 17:28



**1 Abakorinto 13:12**
**Icyakora none turebera mu ndorerwamo ibirorirori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk'uko namenywe rwose.**

Kuganza mu kirere cy'umwuka cyangwa cy'umubiri biva mu bumenyi bw'umwuka bwizwe umuntu aba afite. Usobanukirwe ko abacamanza cyangwa undi mukozi ushinzwe gushyira mu bikorwa amategeko akorera bigendanye n'ububasha yahawe na leta. Bakoresha ubutware bishingiye ku bushobozi bahawe n'undi uri hejuru. Ushobora kubona umuntu ufite urubavu ruto, ariko bazakoresha ubutware bigendeye ku bumenyi bw'uwabohereje.

Bibibliya ntago ari umwirondoro w'Imana cyangwa igitabo kikwereka ibikorwa by'Imana, ni indorerwamu yawe ngo uyireberemo kugeza umenye Imana nk'uko ikuzi. Kumenya Imana ntabwo bihagije ahubwo tugomba kumenya nk'uko tuzwi naYo. Ibona igihangange, uca mu murongo, igitangaza muri wowe! No mu gice cy'ubuzima bwawe kijimye kurusha ibindi, Imana ikuzi nk'uzana umucyo kandi nk'ingufu zo guhangana. Kuva uyu munsi menya indangamuntu yawe nyakuri ureba mu ndorerwamu y'Ijambo. Imana yambwiye ko uyu mwaka ari umwaka w'Ijuru ku isi, kandi Imana ishimwe kuko uri umukozi w'ubumana ngo uzane Ijuru muri iki kirere cy'isi, niyo ndangamuntu yawe itunganye!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ambasaderi w'Ijuru kandi ubuzima bwanjye ni ambasade y'Umwuka Wera. Ntabwo nzakena ikintu cyiza na kimwe. Nzarama kugira ngo ntangaze ineza y'Umwami!**

**IBINDI BYANDITSWE**
2 Petero 3:18



**Yohana 7:38**
**Unyizera, imigezi y'amazi y'ubugingo izatemba iva mu nda ye, nk'uko ibyanditswe bivuga."**

Igisubizo uri gushakira hanze mu by'ukuri kiri muri wowe imbere. Ushobora kumbaza, "muntu w'Imana, ese akazi kanjye, ubuzima, cyangwa visa ndi gushaka iri muri jye imbere.."cyane rwose YEGO!! Bibiliya ivuga ngo imigezi idudubiza izatemba iva mu nda yawe, ntabwo ari umugezi umwe y'amazi y'ubugingo. Umugezi ntabwo uzava hejuru. Uko wawusengera kose n'uko wawuhamagara, uri kuva indani. Kristo muri wowe ni we byiringiro by'ubwiza kandi ibintu byose byakuraje amajoro udasinziriye. Menya ko igisubizo gifitwe nawe!

Ibuka, Adamu yari ingaragu mu busitani, ariko kandi yagendanaga Eva muri we imbere. Imana yasingiriye icyari kiri muri we, nticyari hanze. Imbere muri wowe, hari ibisubizo kuko Kristo ari muri wowe. Vuga ubuzima, iyo migezi y'amazi y'ubugingo azatemba ajya kuri ministeri yawe, ubucuruzi, urushako, ubuzima, amashuri, n'ibindi! Uri utanga ibisubizo, kandi ubwo usoma ubu butumwa bwa gihanuzi, Umwuka Wera azagufasha kuvumbura ibisubizo bikwibumbiyemwo imbere. Tanga ubuzima ku bintu byose bijyanye n'ubuzima bwawe mu magambo no kwatura byawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ububiko by'ibisubizo. Kristo muri jye ni ibyiringiro by'ubwiza. Ndategeka ibisubizo ku bintu byose bigendana n'ubuzima bwanjye mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abakolosayi 1:27



GoodNews DAILY



**Yesaya 12:3**
**Ni cyo gituma muzavomana ibyishimo mu mariba y'agakiza.**

Kubura bivuze ubukene cyangwa kugira bike by'ikintu gikenewe. Bishobora kuba mu bikoresho bifatika, mu bigega cyangwa no mu birirwa. Iyo habayeho kubura kw'ibiribwa mu mubiri w'umuntu, bitera indwara cyangwa n'urupfu. Ubuzima bwawe bw'umwuka bushobora kubabazwa gutyo niboa utari gufungura ku bintu byose Imana yavuze ko ko ugomba kugira. Agakiza ni indyo yuzuye, ipaki yuzuye w'ibintu byose. Gafite ibintu byose bijyanye n'ubuzima bwawe bwite. Iyo paki y'agakiza ikenewe kubw'amafaranga yawe, ikenewe kubw'ubuzima bwawe n'ibindi bice by'ubuzima bwawe.

Umuhanuzi Yesaya yaravuze ngo kuvoma mu "mariba" y'agakiza. Bibiliya ntabwo ivuga "iriba" ariko "amariba" mu bwinshi, bishatse kuvuga ko hari iriba ry'amafaranga, ubuzima, ubuhanga, na byose. Uko usoma Bibiliya, genera umwanya n' imbaraga kuri buri gice cy'ubuzima. Bingana n'ibyo, genera imbaraga z'umwuka zawe ku Nguni zose z'ubuzima bwawe. Nta kintu kigomba kubura mu buzima bwawe. Isi izabona ubwiza mu buzima bwawe.

Uko usoma iyi ntumwa ya gihanuzi, fata igihe cyo gusoma Ijambo, usenge kandi wature kuri buri gice cy'ubuzima bwawe. Uzin igice kiri gusigara inyuma mu buzima bwawe, none ni igihe cyo kuzana agakiza mu bice byose by'ubuzima bwawe..

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Agakiza ni umugabane wanjye kandi uyu munsi ndategeka kandi ndatura ko buri gice cy'ubuzima bwanjye bubohoye mu izina rya Yesu. Amafaranga, ubuzima, kurama no kuganza ni umugabane wanjye uyu mwaka mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
2 Aabakorinto 5:17



**Matayo 13:58**
**Aho Yesu ntiyakorerayo ibitangaza byinshi abitewe n'uko batamwizeye.**

Umugenzo ni uburyo bw'imyerere n'imigenzo ihererekanwa iva mu rubyaro rumwe ijya ku rundi. Abantu bagengwa na gakondo, zaba nziza cyangwa mbi kandi ibyo byose tuba byo ni ingaruka z'ibi. Ni imwe mu mbaraga zikomente zishobora kurwanya ubuzima bw'umuntu. Bibiliya yavuze ko Yesu ntiyabashije igitangaza gikomeye na kimwe igihe Yagiye mu gihugu Cye. Reba, Bibiliya ntiyavuze, "Ntiyakoze," ariko "Ntiyashoboye," bishatse kuvuga ko Yanagerageje biramunanira. Nubwo yari Imana mu mubiri, hari ibintu Yananiwe kubakorera kubera gakondo. Bahinduye Ijambo ry'Imana iritagira icyo rikora kubera sisitemu zabo z'imyemerere.

Uyu munsi ni umunsi mushya; ni umwanya wo guhangana gakondo zose zitari zo. Imyumvire yawe mishya ni uko iterambere n'imbaraga ari ibyawe. Izere ibintu byose Imana ivuga nta gicucu cyo gushidikanya. Niba Yaravuze ngo amafaranga araje, ni koko, araje! Ntabwo aria ho wavukiye ahubwo aho uri kujya. Uri kujya kure nta gushidikanya; niba bemera ko utazatambuka imyaka runaka, bamenyeshe gusa ko uzarama kugirango utangaze ineza y'Imana. Reka umuryango wawe ugire gakondo nshya no gudatsindwa no guhagarikwa. Rema gakondo nshya yawe n'umuryango wawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndasenya buri gakondo mbi igenda mu gisekuru cyanjye. Njyewe n' umuryango wanjye twahawe umugisha urenze urugero kandi tuzarama muri byinshi mu minsi yose y'ubuzima bwacu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Mark 6:5



**Yohana 6:63**
**Umwuka ni we utanga ubugingo, umubiri nta cyo umaze. Amagambo mbabwiye ni yo mwuka, kandi ni yo bugingo.**

Iyo uvuze amagambo, wibuke ko Atari amagambo masa ava mu kanwa kawe akarangirira mu cyuka. Amagambo uvuga afute imbaraga zo guha imiterere ubuzima bwawe mu buryo bwiza cyangwa bubi. Uri aho uri uyu munsi kubera amagambo yavuzwe nawe cyangwa undi muntu. Shyira ikiguzi n' igipimo ku magambo aturuka mu kanwa kawe. Ibi ntahantu bihuriye n'uko mu marangamutima yawe bimeze; bijyanye no guca inzira y'ubuzima bwawe n'amagambo. Bamwe bajya bavuga neza iyo bafite amafaranga mu mufuka cyangwa hari ikintu cyiza kiri kuba, ariko no mu bihe bibi kurusha ibindi byose, ntukemerere ibibi kuva mu kanwa kawe!

Yesu yavuze ko amagambo Yavugaga ari umwuka n'ubugingi. Muri ingingo z'umubiri kandi buri jambo uvuga ni umwuka n'ubugingo. Niba amagambo afite ubugingo, bivuze ko atapfa. Ni uvuga ururimi rwo gukena, "gukena" kuzaba kuri gushaka amahirwe yose kugira ngo ubure amafaranga. Vuga "intsinzi", hanyuma "intsinzi" izaba igushaka ngo iguheshe iterambere ryose no kongerwa. Hindura imvugo yawe uyu munsi ubwo usoma iyi ntumwa ya gihanuzi. Shyira ikiguzi ku magambo uvuga hanyuma uyu mwaka uzabona ubwiza muri buri gice cy'ubuzima bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndavuga gutera imbere, amahoro n'imbaraga muri buri gice cy'ubuzima bwanjye. Inkuru nziza n'imbabazi bizankurikira iminsi yose y'ubuzima bwanjey mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Imigani 18:21



**Abaroma 5:17**
**Kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Yesu Kristo.**

Igihe gukiranuka kuvuzwe, abakristo benshi baba batekereza ukuntu baba abere imbere y'amaso y'Imana n'ukuntu babikorera. Bibiliya ibyita "impano" yo gukiranuka. Uzi ubusobanuro bw'"impano"? Impano ni ikintu udashobora gukorera cyangwa ngo wishyurire. Ugukiranuka kuri wowe nanjye ntabwo ari ikintu dukorera ahubwo ni ikintu cyatanzwe k ubuntu kuri bose bakiriye Umwami wacy, Yesu Kristo. Nta kintu cyiza twakora ngo tugikorere, ahubwo ni ipaki twahawe n'Imana.

Satani ntabwo agomba kububeshya na rimwe ngo utekereze ko ushobora gukora ikintu ngo ukorere gukiranuka n'imirimo yawe. Ntabwo ari kubw'imirimo ahubwo kwizera  mu mirimo y'Imana yuzuye. Iyo Imana ikurebye ubu. Ikubona mu gukiranuka kwa Yesu Kristo. Imirimo yawe nta mwanya ifite kuko byose ni ku Bwe kandi inshingano yawe ni ukwakira iyo mpamvu gusa.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite gukiranuka kwa Yesu Kristo kandi ndi ukundwa cyane n'Imana kandi nzabaho ngo mbone imigisha yigaragaza mu buzima bwanjye mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Tito 3:5



GoodNews DAILY



**Matayo 28:19**
**Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera:**

Iyo bigeze kuri siporo, hari abambere mu gihugu imbere, ku mugabane, hanyuma ukagera ku bambere ku rwego mpuzamahanga. Bamwe ni bato cyane kuburyo ari abambere mu mudugudu. Ubu none aha, ubwo uri gusoma ibi, uri kwisuganya mu rwego ubarizwamo. Icyanditswe cyacu cy'uyu munsi gifite itegeko ritari iry'abigishwa cyangwa abashumba ahubwo kuri twese! Yategetse wowe nanjye kugenda tugatsidira ibihugu.

Izindi verisiyo ziravuga, "genda uhingure amahanga abigishwa,"bivuze ko igitekerezo cy'Imana ari ukugira igihugu cyose itsinda rya celile. Urebe Canada, Lesotho, Dubai n'ibindi hanyuma uvuge ngo iri ni itsinda rya celile ryanjye. Uri mpuzamahanga cyane kugira ngo ube waba uw'aho! Reka imitekerereze yawe ihindurwe ubwo usoma ubu butumwa bwa gihanuzi.

Ntiwishyirireho inzitizi mu bigukikije aho. Gira kureba k'ubumana ku bintu byose. Uri igihanganye cyiteguye kuganza intara! Isi iragutegereje ubu kandi ni cyo gihe. Kuva aho uri, kuva muri ministeri n'ubucuruzi, genda hanze hanyuma ufate intara mu izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nahamagariwe amahanga rero niteguye gufata intara. Ndategeka kandi ndatura ko nta kizampangara mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yeremiya 1:1-7



**Abaheburayo 11:33**
**Baheshejwe no kwizera gutsinda abami, no gukora ibyo gukiranuka no guhabwa ibyasezeranijwe, no kuziba iminwa y'intare.**

Iyo ugeze mu gisirikare, hari Imitwe itandukanye n'inshingano zitandukanye abasirikare bagomba kuzuza. Bose bamwe bashobora kuba kwiyoberanya ariko bamwe nbazaba bari mu gikoni, n'abandi bari kudoda imyenda. Hair itsindi ryihariye ari ryo basirikare b'imbere, aba nibo bahagarara ku murongo wo kurasa. Biteguye guhangana n'imbunda zirasa. Ibi ninabyo bikora ku bakrsito na ministeri, hari bamwe bari mu gisirikare ariko bihishe ndake na bamwe biteguye gufata inshingano zo guhindura isi!

Icyanditswe cyacu cy'uyu munsi kivuga ku ntwari zo Kwizera. Izi zari ibihangange byari byiteguye kuba ku murongo w'imbere. Iyo intare n'ugutotezwa kose byaje, bari biteguye guhagarara kubw'ubutumwa bwiza. Anga kuba uraho ku bukristo bawe, ba intagondwa mu buryo bwose! Ni cyo gihe kugirango uzamuke nk'umusirikare w'imbere, genda mu mihanda hanyuma ubwirirza ubutumwa bwiza. Koresha impano yawe mu byunguka kubw'ubwami hanyuma ufate icyemezo nkana uyu munsi cyo kuba ku murungo w'imbere mu bwami bw'Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubwami bw'Imana ni ubw'abanyembaraga kandi nahisemo kuba umwe mu itsinda ry'imbere. Ubuntu bw'Umwami burahagije kuri buri mukoro mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Matayo 11:12



GoodNews DAILY



**1 Abakorinto 3:21**
**Nuko ntihakagire umuntu wirata abantu.**

Inshuro nyinshi dushingira kwizera kwacu ku bo tuzi, amashuri, cyangwa kumenyekana. Intumwa Pawulo hano yarabishimangiye ngo ntukirate abantu na rimwe. Ibi bivuze ko utashingikiriza icyizere cyawe ku bantu na rimwe, kuko Imana itunze byise kandi turi muri we rero natwe dutunze byose. Intumwa Pawulo yaranakomeje aravunga ngo, "ibintu byose ni ibyawe". Ijambo ntabwo rivuga ko ibintu bimwe ari ibyawe, ahubwo ko byose ari ibyawe! Kuzamurwa mu ntera ushaka ni ibyawe. Umwanya uririra wamaze kuba uwawe! Imana yaduhaye ibintu byose by' ubuzima n'ubumana.

Ufite ibintu byose imbere yawe, wowe birebe gusa, bivuge, kandi ubifate! Wasigiwe ubuzima bw'Ijuru ku Isi, ubuzima butarimo kubura cyangwa gukena ikintu na kimwe, So atunze amashyo ku misozi igihumbi. Yaremya amabuye y'agaciro yose mbere y'uko uza mu Isi. Wavukiye I bwami, rero, ntuzigera ubura ikintu kiza icyo ari cyo cyose mu izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Navukiye Hejuru kandi ibintu byose ni ibyanjye. Ubukene ntabwo ari umugabane wanjye. Ntabwo nzakena ikintu icyo ari cyo cyose mu izina rya Yesu. Nzabaho ubuzima bw'Ijuru ku Isi!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Zaburi 50:1-14



**Luka 1:37**
**Kuko ari nta jambo Imana ivuga ngo rihere.**

Hari ibirere byiza kurushaho uhita winjizwamo ako kanya iyo wakiriye Yesu Kristo kandi ugasingira Ubumenyi bwe bwuzuye. Cyitwa ikirere cy' "ibishoboka bitagira iherezo". Bibiliya iravuga ngo hamwe n'Imana, nta kintu kitazashoboka, bivuze ko igihe ufite Yesu Krosto muri wowe, ubaho ubuzima bw'ibishonoka bitagira iherezo. Ubuzima bwawe bugomba kuba Ijuru ku Isi kuko ufite umuremyi imbere muri wowe, kandi hamwe na We, nta kintu kitazashoboka!

Ubwo usoma ubu butumwa uyu munsi, buri gice cy'ubuzima bwawe kiri kwimurirwa mu kirere cy'ibishoboka bitagira iherezo. Ongera ujye kuri bya bintu byose wananiwe gukora mbere cyangwa ibisa nk'aho ari ibikomeye kuri wowe hanyuma uzagarukana ubuhamya. Niba nta kintu cyahagarika Yesu, ntabwo nawe wahagarikwa. Ndategeka kandi ndatura ko kuva uyu mwanya, nta kintu kizazitira iterambere ryawe cyangwa ngo gikerereze intsinzi yawe mu izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umutsinzi kandi nta kintu kidashoboka kuri njye. Christo muri njye niwe byiringiro by'ubwiza bwose. Nzabaho ubuzima bw'Ijuru ku Isi mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abafilipi 4:11-13



GoodNews DAILY



**2 Petero 1:12**
**Ni cyo gituma nanjye iminsi yose ntazagira ubwo nirengagiza kubibutsa ibyo, nubwo musanzwe mubizi mugakomera mu kuri kuri muri mwe ubu.**

Isi y'uyu mwauka n'ihishurirwa ntabwo bihagaze ahubwo biragenda kandi biratandukaye. Ubumenyi bwose ufite ku Mana, ujye usiga umwanya w'amakuru mashya ngo asukwe avuye hejuru. Nuhera mu myumvire ya kera, ntahantu uzaba utandukaniye n'umuntu waheze mu rwondo.

Icyanditswe cyacu hejuru gisoza kitubwiriza gushikama mu kuri kw'uyu munsi. Menya ko kugirango habeho ukuri kw'ubu, bivuze ko hari ukuri kw'ahashize n'ukuri kw'ahazaza. Amahishurirwa amwe ni ukuri kwa kera itorero rikigenderaho. Kugira ngo umenye Imana nk'Imwe ikora ibitangaza, ni ihishurirwa ariko ihishurirwa rya kera, ariko kuri ubu, tuzi ko muri we tugenda, tubaho kandi dufite ubugingo, bishatse kuvuga ko ari twe dukora ibitangaza. Turi abakora ibitangaza!

Kristo ari gukorera ibintu byose muri twe, ntari kubidukorera, Uku ni ukuri kw'ubu, benedata! Halleluyah! Ubwo tujya ku Ijambo kandi tugasabana n'Imana mu gusenga no mu kwinginga, tubona manu nshya iva mu Ijuru. Imana izatangira kurekura ukuri kw'ubu n'amakuru agezweho ku iherezo ryawe, kandi uzaba uzi ibijya mbere kurusha ikinyamakuru cy'ejo!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Binyuze mu Ijambo ry'Imana, ndashikamye mu kuri kw'ubu. Intsinzi yanjye iremejwe kuko nshinganye mu mugambi w'Imana utunganye muri iki gihe. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
2 Abakorinto 5:7



**Luka 18:1**
**Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe.**

Bibiliya ivuga ko Imana itajya isinzira cyangwa ngo ihunikire. Mbega ubushobozi cyangwa ikoranabuhanga ritumа Imana itajya na rimwe isinzira cyangwa ngo ihunikire. Ibi bivuze Imana itagira ejo hashize cyangwa ejo hazaza kuko itajya isinzira. Irimaso kandi irigukora birushijeho ku bwawe!

Icyanditswe cyacu hejuru kitwereka ko dushobora gufata muri iryo koranabuhanga ry'Imana, ubushobozi bwo kutarambirwa, guhunikira cyangwa se kunanirwa. Yaravuze ngo senga nta kurambirwa, bivuze ko igihe uretse gusenga, ugera mu gihe cyo kurambirwa. Imikorere yawe yangizwa no kudasenga. Kuva uyu munsi, fata icyemezo cyo gusingira hanyuma ugatangira gusenga kurusha uko wigeze gusenga mbere. Bishobora kuba ari iminita mike yo kuvugana n'Imana, ariko nta sengesho ripfa ubusa. Isengesho ritanga ubuzima no kuganza muri buri nguni y'ubuzima bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Amasengesho yanjye ntabwo azapfa ubusa. Ndiyemeza ubwanjye gusenga n'Ijambo muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, kandi ni koko nzagarukana ubuhamya mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Abatesalonike 5:16-18



GoodNews DAILY



**1 Abakorinto 15:33**
**Ntimuyobe, kwifatanya n'ababi konona ingeso nziza.**

Mpora mbwira abantu ko nunyereka inshuti zawe, nshobora kumenya ejo hawe byoroshye. Sinkeneye guhanura ahubwo mu kubona ikigare cyawe. Nshobora kumenya aho ujya mu buzima. Abantu ushyira impande zawe, bashobora kongera cyangwa bagakura agaciro mu buzima bwawe. Bibiliya iravuga ngo ikigare kibi cyangwa se kwifatanya na kamere zihumanye byangiza imiterere yawe, bivuze ko ikigare cyawe cyangwa abantu wisanisa nabo bafite ububasha bwo kuguhumanya cyangwa kukubaka.

Fata igihe cyo gutekereza kandi ukore isuzuma bwite ry'abantu bari mu ruziga rwawe. Niba hari abantu batari kukongerera agaciro, nta mpamvu yo kubagumana mu buzima bwawe. Gumana gusa abongera agaciro ubuzima bwawe kandi baguhindura kuba umuntu mwiza kurushaho. Igisubizo cyawe kiri hafi yawe, ukeneye gusa gusuzuma umuzenguruko wawe hanyuma ugakata buri parasite ikunywa amaraso! Reba igitabo cyawe cya telefone, umanuke nimero zose, uzasanga hari abantu bamwe batari kongera agaciro mu rugendo rwawe rwa Gikristo, ubucuruzi cyangwa ikindi kintu cyose kizaguteza imbere. Ni igihe ko ubakuraho hanyuma ukubaka imibano myiza kurushaho izungura ubwami.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndakuraho buri cyatsi kibi kinkikije kandi ubwenge bw'Imana buzamfasha gukora imibano yungura n'amahuriro azungura ubwami bw'Imana. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Imigani 4:23



**Kuva 14:15**
**Uwiteka abaza Mose ati "Ni iki gitumye untakira? Bwira Abisirayeli bakomeze bagende.**

Abana ba Isiraheyli bahuye n'urujijo rukomeye mu gushaka kuva muri ngoyi y'ububata bwa Egiputa. Igihe Farawo yabarekuye, nyuma y'aho, yahinduye umuyima atangira kubakurikira nanone. Uko ni uguhozaho kw'umwanzi. Bisanze hagati y'igisirikare gikomeye cya Egiputa n'umugezi utontoma. Igihe umuhanuzi Mose yatekereje kuririra Umwami, byasaga nk'aho Imana ititaye guha umwanya umuhanuzi ukomeye. Igisubizo cye cyari cyoroshye. "Ntundirire ahubwo reka abana ba Isiraheli bajye mbere."

Uyu munsi ubwo ufata iri Jambo, tera gusa intambwe zemye ku ntego zawe. Hashobora kuba ibimenyetso byo kurwanywa cyangwa ibidashoboka ariko komeza ujye mbere. Nkuko Imana yatanze igisubizo igihe bageraga ku nyanja itukura, Izatanga igisubizo igihe uzagera ku rwego rwo gukenera. Ubwo bucuruzi utari uzi uko wabusunika ku rundi rwego buri guhinduka ubwo utera intambwe zemye ugana ku iherezo ryawe! Jya mbere, kandi igitangaza cyawe kizahura nawe ahantu h'umukoro hawe. Halleluyah!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Uyu mwaka simpagarikwa, ubuntu bw'Imana burahagije kugirango ngere kuri buri kimwe cyose nshaka kugeraho. Ndikwimuka ahantu hashya mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abafilipi 4:11



**Kuva 13:21**
**Uwiteka ku manywa yabagendaga imbere ari mu nkingi y'igicu ngo abayobore, nijoro yabagendaga imbere ari mu nkingi y'umuriro ngo abamurikire, babone uko bagenda ku manywa na nijoro.**

Bibiliya itubwira ko abana ba Isiraheli bavuye muri Egiputa, Umwani yababeraga inking y'umuriro nijoro n'igicu ku manywa. Imana yahaye ikirere n'ibibakikije byihariye ngo ibarinde imiterere ikomeye yo mu butayu. Ubutayo buragoye; harakonja nijoro hanyuma hagashyuha cyane ku manywa. Hamwe n'ubwo bumenys, Imana yahisemo kubaha ikirere n'ibibakikije byihariye. Icyo Abisiraheli bari bari kubaho byari bitandukanye n'ibyo ubundi bwoko bwari buri kubaho.

Ubwo ufungura 4kuri iri Jambo, Umwami yaremye ikirere cyihariye ku bwawe. Igihe abanda bavuze ko hari ugushyirwa hasi, wowe uzavuga ko hari ukuzamurwa. Ibuka, uri ambasaderi w'Ijuru; ugaburirwa kandi uhabwa ibiva hejuru. Ntacyo gutinya kuri iyi Si kuko turi mu isi, ariko ntabwo turi ab' iyi si. Ibidukikije biva hejuru. Tubaho ubuzima bw'Ijuru ku Isi kandi abaza mu kirere cyacu, ni koko bazabona ukubaho kw'Ijuru.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mbaho ubuzima bw'Ijuru ku Isi kandi ndi ambasaderi wa Kristi kandi ubuntu bw'Imana burenze kuba buhagije kuri njye mu izima rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yobu 22:29



**2 Abakorinto 5:17**
**Buri muntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.**

Urwego rw'abantu rworoheye ibyago no gutsindwa by'ubwoko bwose. Umugambi ukomeye kurusha iyindi w'umwanzi ni ukukwibuta ko uri umuntu, wabyawe n'inyama n'amaraso. Iyo wemeye ibyo, wihaye imana y'iyi si kandi gutsindwa kwawe kuzaba kwemejwe.

Kubera kuba muri Kristo, Bibiliya ivuga ko ubu uri icyaremwe gishya! Ijambo "gishya" ni ijambo ry'ikigiriki "kainos" rivuga icyaremwe kitigeze kubaho mbere. Ntabwo wegeze ubaho mbere! Nibageragerza kukwibutsa integer nke zawe no gutsindwa bya kera, ubamenyeshe gusa ko utigeze kubaho mbere. Uri icyaremwe gishya kuri iyi si. Ntabwo wegeze kubaho, ntiwigeze gukora icyaha, cyangwa ngo ugire icyo ucumura.

Ubwo usobanukirwa iri hishurirwa, uzatangira kwiyuburura ube cyaremwe gishya, kandi ubukene buzaba ikintu cya kera mu izina rya Yesu! Halleluyah!


## IJAMBO RYA GIHANUZI


**Ndi icyaremwe gishya kandi mba mu kirere cy'ibishoboka bitagira iherezo. Ubushobozi bwanjye ntabwo buhagarikwa n'imbaraga z'iyi si. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abefeso 3:20



GoodNews DAILY


OSBORN INSTITUTE of THEOLOGY
ENROL NOW
FOR NEXT INTAKE
CERTIFICATE & DIPLOMA
THE OSBORN INSTITUTE OF THEOLOGY FOUNDED BY PROPHET UEBERT ANGEL AND FULLY ACCREDITED BY TRANSWORLD ACCREDITING COMMISSION INTERNATIONAL, PROVIDES AN AWARD-WINNING ONLINE LEARNING PLATFORM THAT EQUIPS MEN AND WOMEN WITH THE REVEALED WORD OF GOD. OIT PREPARES MEN AND WOMEN TO SHARE AND BEAR WITNESS OF JESUS CHRIST TO THE CHURCH AND THE WORLD.
ENROL NOW AT WWW.OSBORNINSTITUTE.COM


HEALING INSTITUTE OF SPIRIT EMBASSY
HEALING INSTITUTE
with
Prophet Uebert Angel
Networking the world with God's healing power...
BECOME A PARTNER NOW, VISIT
WWW.HEALINGINSTITUTE.ORG

## GUSENGA NK'UBURYO BWO KUBAHO



**Acts 3:1 (KJV)**
**Now Peter and John went up together into the temple at the hour of prayer, being the ninth hour.**

AbaKristo bamwe baravuga ngo "sinzi uko nasenga"; iyo utazi icyo wasenga n'uburyo wasenga, aba ari igihe cyo kubaza Mwuka Wera, ari we uzakwigisha ubwiru bwe, budafite icyo bumariye ubwenge bwawe busanzwe ariko bufite imbaraga nyinshi mu isi y'umwuka. Iyo usenga ukoresheje ururimi rutamenyekana, imiryango mu ijuru irafunguka abamarayika bakamanukana ibisubizo byawe. Ibintu bikugora mu mishinga yawe, mu muryango wawe, mu rugendo rwawe mu mwuka - bizingingirwa na Mwuka Wera akurikije ubushake bw'Imana uko uvuga mu ndimi. Ntuzirengagize ubuzima bwawe bwo gusenga kuko nicyo kigufasha nk'umuKristo. Bishyireho umutima wawe wose!

Abigishwa ba Yesu bahinduye isi hasi hejuru kubera umwambaro bari bambaye witwa "AMASENGESHO". Abigishwa bari bazingiye mu isengesho kuburyo byagezeho bikaba ubuzima bwabo. Bahoraga mu mwanya wo gusenga kugera nubwo isaha y'umunsi bayise "isaha yo gusenga". Bwari ubuzima bwabo babaho buri munsi. Ntibitangaje kubona barahinduye isi hasi hejuru mu gihe cyabo. Amasengesho ni ishingiro ry'ubuKristo. Niba ushobora kubona umwanya wo kurya, ukwiye no kubona umwanya wo gusenga.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**I am a powerhouse of prayer. I know prayer is not everything, but prayer changes everything. This year, my prayer life will continue to shift to live Heaven on Earth. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Psalms 55:17



**Abefeso 3:20**
**Nuko Ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose nk'uko imbaraga zayo ziri zidukorera-mo,**

Iyo ushyize imipaka ku mbaraga z'Imana mu buzima bwawe, nawe nirwo rwego uzabonaho imbaraga z'Imana mu buzima bwawe. Iyo ukuyeho imipaka ukamenya ko ari Jehovah El Shaddai, Imana yonsa benshi, uzabona ko imbaraga z'Imana mu buzima bwawe zitagira imipaka. Imbaraga zayo zihari ngo zikorere muri wowe kandi zinyuze muri wowe, rero tangira ukoreshe imbaraga zitagira akagero z'Imana zikorera muri wowe uyu munsi, uzakora ibikomeye ku Bwe. Ntukishyirireho imipaka kubyo Imana yaguhamagariye gukora. Iyo Imana ivuganye nawe, Ifite ubushobozi bwo gusohoza ibyo yavuganye nawe mu izina rya Yesu.

Usoma amagambo y'uyu munsi, urabona ko Imana ishoboye; kandi, Imana ifite ubushobozi bwo gusohoza icyo Yavuganye nawe. Mpora mbwira abantu ko agaciro kanjye kerekanwa nibyo mvuga, kandi ubukungu bwanjye butagenwa n'imibare itangwa n'abashakashatsi. Ubushobozi bw'Imana burarengeye kandi buvugwa neza cyane ko burenze cyane ubushobozi bwacu bwo gutekereza cyangwa gusobanukirwa. Ikibazo abaKristo benshi bafite nuko batasobanukiwe kuba Imana ikomeye cyane kuburyo bugaragara ngo babihuze no kwerekanwa kw'imbaraga z'Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Gutekereza kwanjye ku mbaraga z'Imana zikora bizaguka. Nta kizantangira; ubuzima bwanjye bugomba guhindura ibisekuruza byanjye kandi buzandikwa mw'ijuru kugirango bigaragaze imbaraga z'Imana zerekanwe kw'isi mw'izina rikomeye rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abaroma 16:25



**1 Samweli 30:8**
**Dawidi aherako agisha Uwiteka inama ati "Ninkurikira izo ngabo nzazifata?"Aramusubiza ati "Zikurikire, kuko utazabura kuzifata ukagarura byose."**

Ijambo "kurikira" mu giheburayo ni "râdaph" bisobanuye kwiruka inyuma, mu bisanzwe ufite intego mbi, kwirukana, kwirukankana, guhiga. Igihe Dawidi yagishaga Imana inama nyuma yuko abameleki bagabye igitero ku mujyi we, bagatwara n'umuryango we, n'abasirikare be, intego ye yari kubakurikira afite intego mbi. Njya nkunda kubwira abaKristo ko urwego rumwe rw'imyumvire n'imitekerereze bikenewe kugira ngo ukore ubucuruzi. Hanze aha bumva ko abaKristo ari abo kwitonda bakagenda gake bakemera ibintu byose, ndetse niyo umwanzi yaba ari kwiba imiryango yabo, imitungo, ubuzima, gutera imbere, ubukungu ndetse n'ibyishimo!

Muri uyu mwaka W'Ijuru Ku Isi, ubuhanuzi bwavuzwe ku buzima bwawe, rero ugomba gukurikirana(râdaph); sohoka kugira ngo ugarure umuryango wawe kandi ushyushye urukundo rwakonje, wirukane umwanzi mu nkambi ye maze ujyane ibyo yagusahuye. Ntihakwiriye kubaho kwisubiraho, gusubira inyuma, no gutandukana kugeza igihe ufashe ibyawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nongeye kubyutswa no guhabwa imbaraga zo kwirukana umwanzi nkagarura ibyanjye. Mfite Uwiteka ku ruhande rwanjye hamwe n'ingabo zo mu ijuru; niyo mpamvu, intinzi yanjye ntishidikanywaho mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Itangiriro 14:16

## Kuwa Kane, Gicurasi 4 | KWEREKANA IMBARAGA



**1 Abakorinto 4:20**
**Kuko ubwami bw'Imana atari ubw'amagambo, ahubwo ari ubw'imbaraga.**

Biragaragara, kubura kw'imbaraga ni igihamya ko Imana idahari. Hagomba kubaho kwerekana imbaraga zerekana Imana. Reka nongere nsobanure ko ahantu hose hari imbaraga bitavuze ko Imana ihari. Hashobora kubaho kuvuga neza, ariko niba nta mbaraga zo kwerekana kuganza kw'Imana iri hejuru, icyo gihe kubaho kw'Imana bihinduka impaka. Tuba mu isi ihora ishakisha ibitangaza n'ibimenyetso. Ndetse no mu gihe cya Yesu, kwifuza no gushakisha ibimenyetso ntibyigeze bituza.

There is a burden of proof required to Hari umutwaro w'ibihamya byo kwerekana ko Imana ikiza kandi itanga, ko Imana ishoboye gukora ibiruta cyane ibyo dutekereza ndetse nibyo twibriwa. Umuntu wese iyo yakiriye Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza we ahabwa imbaraga zo gukora ibimenyetso n'ibitangaza mu izina rya Yesu. Imbaraga wazihawe kera cyane, ariko ni izihe muri izo mbaraga wakoresheje? Iki nicyo gihe kandi niwo mwanya ngo uhaguruke werekane icyubahiro cy'Imana ukiza abarwayi; ntukikure mu mubare ngo utekereze ko ari akazi k'abantu bamwe batoranyijwe, oya! Ufite Mwuka Wera ukora akazi muri wowe; icyo akeneye ni ukuboneka kwawe, ntabwo ari ubushobozi bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ngendera mu mbaraga, ngendera mu bimenyetso n'ibitangaza, ntabwo ndi inzabya zirimo ubusa, ahubwo nuzuye imbaraga n'icyubahiro cy'Imana. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abaroma 1:16


GoodNews DAILY



**Abaroma 14:4**
**Uri nde wowe ucira umugaragu w'abandi urubanza, kandi imbere ya Shebuja ari ho ahagarara cyangwa akaba ari ho agwa? Ariko azahagarara kuko Imana ari yo ibasha kumuhagarika.**

Imyaka maze mu murimo yanyigishije ibintu byinshi cyane, yaba ibyo mu mwuka cyangwa mu mubiri. Nk'umwana w'intumwa muri ibi bihe byanyuma, Pastor Chris Oyakhilome, umu jenerali mu kwizera, bizana n'ubwenge. Ikintu kimwe nigiye ku mubyeyi wanjye wo mu Mwuka ni ukwemera kandi ugahamagara abantu hose mu mazina bashaka ko ubita. Urugero, niba umukozi w'Imana ashaka kwitwa "Bishop" mujye mumwita "Bishop", cyangwa "Archbishop". Izina yaba ashaka ryose uzarimuhe. Umwami Yesu niwe muyobozi wacu twese. Mpora mbwira abantu ntibagashake kwicara mu myanya bashaka kuba nk'Imana, kuko Imana yacu ubwayo ni umucamanza utabera.

Icyanditswe cy'uyu munsi kiduha ibitekerezo by'ukuntu Imana, Yo izi iherezo mu itangiriro, ikorana n'abagaragu bayo. Interuro yanyuma ikomeye, "kuko Imana ariyo izamuhagarika" ikwiye kukwereka neza ko Imana igira imbabazi. Ibyo waba warumvise hanze aha byose ku bakozi b'Imana, ni Imana ihitamo. Inshingano yawe ya mbere nk'umuKristo ahantu hase hari umukozi w'Imana nugusenga, guhindura no kububaka aho bikunda.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi utera imbaraga abantu benshi; ntabwo nzaca intege cyangwa ngo nsenye ibyo Uwiteka yubatse. Ndabizi ko Imana ishobora kubaka uwo ariwe wese nubwo yagwa inshuro zirindwi.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Imigani 24:16



**Yesaya 53:7**
**Yararenganye ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanwa ke amera nk'umwana w'intama bajyana kubaga, cyangwa nk'uko intama icecekera imbere y'abayikemura, ni ko atabumbuye akanwa ke.**

Turi kugera ahantu ibyiyumviro biruta ukuri. AbaKristo bagomba gusobanukirwa ko turi mu isi igereranya satani nk'ukuri, kandi Yesu ari we kuri. Yesu ni ukuri kw'ukuri, ishingiro, n'ubusobanuro bw'ukuri. Uyu munsi, dufite abayobora ukuri ku mbuga nkoranyambaga kandi batazi ukuri ubwabo. Hashyizweho nkana uburyo bwo kugerageza kwihangana no kumvira kw'abaKristo. Imbuga nkoranyambaga zitinya gahunda y'Imana ku isi, rero bacecekesha abaKristo.

Ugomba kumenya ko kwizera kwacu gukoreshwa n'ijwi, rero tugomba kuvuga kugira ngo dusenye inzitisi kandi tunigarurire ahantu hacu. Nk'abaKristo iyo batubujije kuvuga, biba ari nko guhagarika ogisijene (oxygen) ku kiremwa muntu. Bibikiya itwizeza muri Yobu 22:28 "Yobu 22:28 Uzagira icyo uzatura kikubere uko ushaka, Kandi umucyo uzamurikira inzira zawe" rero urabona ko, guceceka atari amahitamo yacu, komeza ubivuge, kuzamurwa kwawe kuzagaragarira abantu bose.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nzakomeza kuvuga amagambo ahamye y'Imana ku buzima bwanjye, umuryango wanjye n'ubukungu bwanjye. Sinzigera nceceka; ijwi ryanjye rizumvikanira kugira ngo rihindure ahazaza kandi rishyireho ubutware mu izina rya Yes rikomeye.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Ibyakozwe n'intumwa 8:32



**Matayo 24:7**
**Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n'ibishyitsi hamwe na hamwe.**

Tugomba kumenya ko ibintu bibera hano ku isi bitanaho gutyo gusa. Uruhurirane rw'ibintu ni igihe Imana yahisemo kutimenyekanisha. Imana ni itangiriro n'iherezo, bisobanuye utangira intangiriro nyuma yo kurangiza iherezo. Imana yafashe umwanya wo kubara umusatsi uri ku mutwe wawe kandi Ishinishijwe n'uturemangingo twose dutumye uba mwiza uko! Nusobanukirwa uburyo butangaje uremyemo guhera imbere ukageza hanze, Imana ntabwo irakaranye nawe ahubwo irakariye wowe. Turi mu bihe byanyuma, iherezo ry'iherezo, kandi amagambo ya Yesu aracyafite imbaraga nkizo yarafite igihe yayavugaga, kuko abona iherezo mu itangiriro.

Mu cyanditswe cy'uyu munsi, ntukeneye kubwirwa ko turi ku iherezo; ibimenyetso byose biragaragara kandi ntagushidikanya. Ibiri kuba hirya no hino byahanuwe cyera n'Umwami Yesu ubwe. Twabonye ibyorezo by'isi yose tutigeze kubona. Inkuru Nziza ni uko, nk'umuKristo, utazigera uhura nabyo ubwo bizaba biri kuba nkaho utabizi. Bibiliya, mubyukuri itubwira kwishima ubwo ibyo byose biba biri kuba kuko gucungurwa kwacu kuri bugufi. Ishime, Ijambo rirakora!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Navutse mu gihe nk'iki kugira ngo mpindure amahanga, ngabagabanye ubukungu mu mahanga, Ndi ijwi ry'Imana muri uru rubyaro, sinshobora gucecekeshwa, nzakomeza kuzamurwa mu izina rya Yesu rikomeye!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Luka 21:11



**Abefeso 2:10**
**Kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.**

Imana yaremye umuntu mu mukungugu ariko imuhumekeramo umwuka utanga ubugingo muri we, maze umuntu ahinduka ubugingo buzima. Icyo twasobanukirwa ni uko Imana idashobora guhagarika umwuka guhereza umuntu umwuka utanga ubuzima, byaba ari uguca bugufi imbere y'umuntu cg kuramya umuntu kandi ibyo Imana ntishobora kuramya umuntu. Umwuka w'ubuzima wahawe umuntu mu buryo Imana yabonaga ko bikwiye ko umuntu azagaragaza ishusho ndetse n'imiterere Yayo. Mu ijambo ry'umwimerere "Munsi gato y'Imana" bisobanuye munsi gato ya Elohim (Imana Ikomeye) ubwayo, atari abamalayika.

Niba Umwuka wazuye Yesu Kristo mu bapfuye atuye muri wowe, noneho kwerekana imbaraga nibyo tugutegerejeho nk'umwe mubagize kamere y'Imana. Ntushobora gutunga ingirabuzimafatizo (DNA) z'Imana ngo ufungirane imbaraga. Hoya, ntabwo bishoboka! Tangira ukoreshe imbaraga wahawe n'Imana ushize amanga, wigira isoni. Ni ubwibona buzatuma utavugira Imana nk'ijwi riranguruye. Vuga icyo ushaka kubona mu konti ya banki yawe, vuga gukomera mu bucuruzi bwawe, kandi wizere ko bitanga umusaruro. Vuga imibare n'ibihe, uzatangazwa cyane nukuntu uzabona ubuzima bwawe buhinduka mu izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndavuze nonaha amafaranga araje kuri konti yanjye, ndatura umusaruro mu bucuruzi bwanjye. Ubuzima bwanjye buzahora bugaragaza ishingiro ry'imiterere y'Imana muri njye iyo mvuze amagambo.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yesaya 19:25



**Itangiriro 1:28**
**Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti "Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi."**

Uri ikoranabuhanga ry'Imana wahawe imbaraga zo gukora ibitangaje kuva kera ukiremwa, imbaraga zo kuganduka, kuganza, no kuzuza imifuka yose mu buzima bwawe, rero gukena no kurwara ntibigomba kuza mu buzima bwawe, kuko ufite ubuzima bwa Zoe muri wowe butunganya icyo aricyo cyose kidakora. Mubusanzwe, ubuzima bwawe ni ishusho y'ubuzima bw'Imana, rero kwera imbuto no kuba umukungu ni umugabane wawe. Mugihe utari kwitwara neza, ntukajye ushakishiriza ahandi, ubwo ufite ibikoresho by'ikoranabuhanga bikoreshe wisuzume kandi utange imiti mu ijambo ry'Imana.

Igitabo cy'amabwiriza y'Imana ku bantu kiri mu cyanditswe cy'uyu munsi. Ibikenewe byose kugira ngo umuntu akore kandi aneshe byashyizwe muri we naya magambo nk'uko Imana ibivuga. Ubu noneho wasobanukirwa impamvu mvuga ko ubukungu bwanjye buri mu magambo mvuga. Ibi bikwiye kuba ibya buri mu Kristo; wahawe ububasha hejuru y'ibintu byose, n'uturemangingo two gutanga imbuto, kwikuba ndetse n'umwuzuro biri muri wowe. Imana iguha inshingano kubyo yaremye n'imbaraga zo kugenzura no kuganza ibizakurwanya.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nitwaje ingirabuzimafatizo z'Imana kandi umwuka w'Imana uba muri njye. Sinshobora gutsindwa. Muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi ubuzima bwanjye buzamurika bwerekana icyubahiro cy'Imana mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Abakorinto 2:13



**Matayo 14:29**
**Aramusubiza ati "Ngwino." Petero ava mu bwato, agendesha amaguru hejuru y'amazi ngo asange Yesu.**

Umurongo w'ingenzi ukwiya gucaho akarongo ni "ngwino". Ibitekerezo by'abigishwa, ubwoba, n'ibyiyumviro byose byagabanutse igihe Yesu yababwiraga ati: "ngwino". Nubwo mu murongo ubanziriza uyu ari petero ubwe wasabye Yesu ko amubwira kuza, ariko Yesu aravuga ngo "ngwino" gusa, ntiyigeze amuvuga mu izina, bisobanuye ko uwo ariwe wese mu bigishwa yari gusimbuka akaba mu bwato akagendera ku mazi nka petero.

Kuba petero yarateye intambwe yambere nyuma yo kubwirwa na Yesu bisobanuye ko yarafite ubushake bwinshi bwo gushyira kwizera kwe mu bikorwa, bityo ukanga kugendera ku miterere y'ibigize amazi ukayagendera hejuru. Igihe petero yarakiri kureba hejuru areba Yesu, nta kibazo yarafite cyo kugendera ku mazi. Igihe cyonyine petero yarohamye mu mazi ni igihe yakuye amaso ye ku Mwami.

Ugomba kubyumva neza ko igihe cyose uhanze amaso kuri Yesu, uburambe bwawe mu isi y'Umwuka ntibuzagira iherezo, ubucuruzi bwawe buzakomeza kwaguka, kandi ingaruka zawe n'umumaro wawe bizaba byiza. Reka Yesu abe intumbero yawe, akubere icyuma kigukingira ubwo akomeza kukubwira ati "ngwino", kandi nukuri ntuzatsindwa!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ibyo nibandaho birasobanutse kandi ntabwo nzahumishwa amaso n'abansuzugura. Nahamagariwe gukora ibikomeye, ntabwo nzahungabana cyangwa ngo ntsindwe kugeza igihe ibyo Imana yampaye bizigaragaza none n'iteka ryose mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Mariko 9:23



**Luka 17:1**
**Nuko abwira abigishwa be ati "Nta cyabuza ibisitaza kuza, ariko ubizana azabona ishyano.**

UmuKristo w'ukuri agomba kuba afite umwuka wumvira wemera gukosorwa, yemera kubwirwa ukuri mu mpanuro zimufasha kugira ubuzima bwe bwiza. Iyo uhisemo kudahinduka, n'impanuro ntoya cyane izakubera igisitaza. Kutababarira bitewe n'uburakari ni nk'uburozi umuntu urakaye agenda afata gake gake. Ibi bizagenda bikumara imbaraga gake gake, bitume utabona neza iyerekwa ryawe unateshuke ku ntego wihaye, ntugashukwe n'umwanzi. Ntukarakazwe n'utuntu duto duto cg ibidafite umumaro. Hitamo guhora wishimye no mubibazo. Wige kubabarira mugije ukosherejwe, kandi ntabe ari wowe uburakari bugaragariramo.

Icyanditswe kitubwira ko ibisitaza bitabura kutuzaho nk'abaKristo. Ariko, umukristo wuzuye umwuka ntagomba kurakara iyo akosowe. Gukura mu mwuka, rimwe na rimwe ntibibera mu muhezo no gukosorwa. Hari inshingano ku mukozi w'Imana zo guhindura no gukosora, ibi byose bikoranwa urukundo rwo gukomeza abaKristo. Umubyeyi ukunda abana be azabahana afite intego yonyine yo kububaka kugirango bakore umurimo ukomeye imbere. Iyo mpanurira abantu ndababwira ngo mwihanganire iminota mike mubangamiwe maze muzishimire ubuzima bwiza bw'umwuzuro mu gihe cyanyu cyose. Reka iyi abe ariyo mitekerereze yawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Umutima wanjye utumbiriye Umwami gusa kandi nta gisitaza kizatuma nsubira inyuma uko cyaba kingana kose. Nzakura imbaraga zanjye mu Ijambo ry'Imana maze nature intsinzi kuri buri gisitaza mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Petero 2:23



**Matayo 13:25**
**Nuko abantu basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka, aragenda.**

Muri iki cyanditswe, umwanzi ntiyigeze abiba mu gihe umubibyi yarari maso; umwanzi ntiyigeze aza mugihe umubibyi yarari maso ari kubiba.Umwanzi yari kure cyane yumurima igihe Umubibyi yakuwe mubitotsi. Umwanzi yatangiye kubiba urukungu igihe umubibyi yarasinziriye! Uyu ni umwaka w'Ijuru Ku Isi. Mu Ijuru, nta gusinzira, nta kanyo ko kuruhuka cyangwa kugona. Ikigaragara ni uko gusinzira gato ari inzira yo guha umwanzi umurima wawe, ubucuruzi bwawe, imari yawe, ubukwe bwawe, abana bawe, umwuga wawe!

Ikibazo dufite murusengero nuko abaKristo benshi barasinziriye; bamwe banabikorera murusengero!

Muri uyu mwaka w"AMAFARANGA" ku bari mubucuruzi, nta gihe gisigaye cyo gusinzira. Reka amaso yawe abe afunguye neza kugira ngo wirinde ibitero bitunguranye by'umwanzi. Kora kuburyo ikirere cyose kiri mu nzu yawe cyuzire ubwiza bw'Imana kandi uri mubikorwa bya So. Bibiliya ibivuga neza gutya mu Imigani 6:10-11 "Uti "Henga nsinzire gato, nihweture kanzinya, Kandi nipfunyapfunye nsinzire." Nuko ubukene buzakugeraho nk'umwambuzi, N'ubutindi bugutere nk'ingabo.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi usenya inzitiza, ndi urenga umurongo. Ndi umutsinzi ntabwo ndi utsindwa. Sinzongera kunezeza ibitotsi ahubwo ndabiziritse kugeza igihe nzarangiriza ibyo Imana yampaye! Halleluya!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Zaburi 127:2



GoodNews DAILY



**1 Abakorinto 3:6**
**Ni jye wateye imbuto Apolo na we arazuhira, ariko Imana ni yo yazikujije.**

Bikunze kuvugwa ko Imana idakeneye ubushobozi bwawe ahubwo ikeneye kuboneka kwawe. Imana niyo ikomeza abo yahamagaye. Mugihe utemeye umurimo w'Imana kandi ukumva ufite intege nke, sobanukirwa ko imbaraga z'Imana zitunganyijwe no mu ntege nke zawe. Iyo witanze, buri gihe hariho ikintu cyo gukora mu nzu y'Imana. Hari igice kimwe cyihariye buri wese ashoboye, kandi aho ni mu gutanga kugira ngo ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana bugere ahantu hose ndetse no my migabane yose. Ibi iyo ubitekereje nk'uburyo bunwe bwo gukora, uba uzi neza ko aho Umukozi w'Imana agiye hose agakora ibitangaza no gukiza abarwayi, muba muri kumwe.

Icyanditswe cy'uyu munsi kitubwira ko hari ibintu bitatu byisubiramo iyo bigeze kubijyanye n'umurimo mu mubiri wa Kristo. Abatangiza igikorwa aribo babibyi, gusa gutangiza itorero ni itangiriro gusa. Itorero rigomba kuhirwa n'Ijambo ry'Imana buri gihe kandi muburyo buhoraho. Bikwiye kugushimisha cyane kuba uri mu murimo w'Imana aho waba ukora hose n'ubushobozi ubwo aribwo bwose. Intego nyamukuru iba ari uguteza imbere Ubwami bw'Imana. Numara kugira ishyaka ryo gukora gace akariko kose mu murimo w'Imana, uzabifate nk'umuhamagaro wawe; ntuzategereze ko babigusaba. Itange mu murimo.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite umuhamagaro n'impano byo gukora umurimo w'Imana. Ntabwi nzongera kwicara cyangwa ngo nsigazwe inyuma ukundi, mbifite ku mutima ko umurimo wanjye ari uwo gutuma ubwami bw'Imana butera imbere none n'iteka ryose mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Matayo 6:33



**Gutegeka Kwa Kabiri 2:25**
**Uyu munsi ndatangira guteza ubwoba amahanga yose yo munsi y'ijuru ngo agutinye. Bazumva inkuru yawe bahinde imishyitsi, ubatere kubabara cyane.**

Urugendo rw'abisirayeli bava muri egiputa rwari rushingiye ku magambo Imana yavuganye na Mose ko bazatunga ubutaka butembamo amata n'ubuki. Imana niyo yagenaga icyerekezo cyabo Yo yabashyize munsi y'igicu cy'umunsi kugira ngo ibarinde izuba ryo mubutayu, n'inkingi y'umuriro nijoro kugira ngo baticwa n'imbeho ya nijoro. Uburyo Imana yarinzemo ubuzima bwabo ntibusanzwe kandi ntibwigeze bubaho. Iyi niyo Mana imwe dukorera ingamba zayo ni ugutura muri twe ubu, atari rimwe na rimwe ahubwo turi ubuturo bwayo buhoraho.

Kubera Umwuka w'Imana uri muri wowe, n'ahantu uzaba uri uzashotora umuntu kubera Ugenga ubuzima bwawe. Nugera ahantu, uzazana impinduka, kandi amagambo uvuga azaba afite uburemere n'imbaraga. Uyu niwe uri we muri Kristo. Wahamagariwe kuyobora amahanga, gusenya ubukene bwari bwibasiye umuryango wawe n'ibisekuruza, no gukora nka rukuruzi ikurura amafaranga muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi.

## PIJAMBO RYA GIHANUZI

**Ijambo ry'Imana ntiribeshya, kandi raporo Yayo yerekeye ubutunzi bwanjye ntibeshya. Ntanga raporo y'Inkuru Nziza, amagambo mvuga ntabwo arimo ubusa. Ndi uwo Imana ivuga ko ndi we. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Exodus 23:27



**Ibyakozwe n'Intumwa 20:24**
**Ariko sinita ku bugingo bwanjye ngo nibwire ko ari ubw'igiciro kuri jye, kuko nkwiriye kurangiza urugendo rwanjye n'umurimo nahawe n'Umwami Yesu, wo guhamya ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana.**

Igihe natangiye kubwiriza no kwigisha ku nyigisho z'ubuntu, n'abaKristo ubwabo ntibigeze basobanukirwa iryo hishurirwa. Kubw'ibyo, batangiye kugenda bacurikiranya ubusobanuro bw'inyigisho z'ubuntu. Bigomba gusobanuka neza cyane ko ubuntu atari uruhushya rutwemerera gukora ibyaha. Ni ukugira neza kw'Imana kutuganisha ku kwihana. Iyo ineza y'Imana ikurenze, uhita uhindukira ugahinduka kuko uba usanzwe uri mu rukundo rwayo. Bibiliya ibivuga neza ko ari impano "udakwiriye" , "y'agaciro" ikubohora ku gutekereza icyaha, aricyo guhusha ku ntego.

Ukuri ku buntu kurakomeye kugeza nubwo iyo utekereje ko wagendeye kure yako, Imana irushaho kuguhundagazaho urukundo rwayo rudashira. Imana ntizigera irekera kugukunda naho wagenda nabi. Intumwa Pawulo yarabivuze mu Abaroma 8:1 "Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu utagendera mu mubiri, ahubwo ugendera mu Mwuka nta teka bazacirwaho."

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umusaruro w'urukundo rutagira iherezo rw'Imana. Nahamagariwe gusangira ibyiza by'ubuntu bw'Imana. Iyi mpano ni nziza cyane kuba wayizera, ariko yego, ni ukuri, ukuri kw'ubuzima mbayeho nonaha muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Abakorinto 15:58



**Luka 7:13**
**Umwami Yesu amubonye amugirira imbabazi aramubwira ati "Wirira."**

Iyo ugeze mu rundi rwego, uhita ufunguka wowe ubwawe ukagera mu rundi rwego rw'ubuntu aho gukira indwara bitangira kugenda mu ngingo zawe ni mu mubiri wawe noneho wakora ku muntu urwaye, agakira indwara. Niba nta mbaraga ziri muri wowe zigenda zigahuza n'ibibazo by'umuntu bigatuma habaho igicu imbaraza z'Imana zigenderamo, icyo gihe uba warakoze imyitozo itariyo.

Byaba bikomeye cyangwa se bigoye cyane ubaye utita ku mitwaro, ibyifuzo n'ingorane z'abandi, kugera naho wumva amara yizinga bikagutera kubabara cyane, ariko ukaba ushaka gukoreshwa n'Imana mgo ukize abantu! Kumva wafasha abantu bishobora kuba bihari ariko biba bisaba ko ari ibintu bituruka muri wowe buri gihe. Kumva impinduka bisaba ko habaho ibintu bitasobanurwa mu Mwuka wawe. Ni nko kumva umubabaro w'umuntu urwaye ukeneye gukira. Gukiza umuntu urwaye kanseri, diyabeti, abatumba ntibavuze; ugomba kubanza kwiyumvamo muri wowe ububabare bafite maze uko ugenda ubasatira niko imbaraga z'Imana zisohokera mu ngingo zawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ngendera mu mbaraga zikiza z'Imana. Nasigiwe gukiza abarwayi. Kubwibyo, nzajya numva ibyo bumva, nzibonera ibyo bahuye nabyo kandi imbaraga z'Imana zizatemba muri njye ubwo nzabarambikaho ibiganza, bazakira mu Izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Mariko 1:41



**Kubara 13:33**
**Kandi twabonyemo abantu barebare banini, Abānaki bakomotse mu bantu barebare banini. Twibonaga tubamezeho nk'inzige, na bo bakabona tumeze nka zo.**

Mu cyanditswe dusomye uri kubona icyo abana ba Isiraheli bari kwikorera. Bari bamaze kwitsinda bo ubwabo mu ntambara yabo bari bahuriye mu gihugu cy'isezerano. Imitekerereze iciriritse ituma utsindwa; wisenya, kandi wisuzugura ugatangira kurwanya umugambi w'Imana ku buzima bwawe. Abantu boherejwe kuneka bakaza bavuga ko ari bato kuri bo kandi ko babahonyorera munsi y'ibirenge, ibi ni ibitekerezo biciriritse. Ni inde ugutera gukomeza kumva uwo muriro n'ubushake bwo gutangira gukora ubucuruzi? Nta gukekeranye, ni Imana. Yo yatangije umurimo mwiza muri wowe. Ugomba kubyumva kandi ugatangira kugendera mu butaka butagabanijwe.

Iki nicyo gihe ugatangira gukora ubucuruzi wahereye kera ushaka, iki nicyo gihe cyo kujya mu mahanga yose ugakora ibintu bizatuma n'ibisekuru byawe bibaho neza. Uyu munsi uko uyoborwa n'Umwuka Wera, ntutuze ngo wifate nk'abatasi bisuzuguye bakiyita bato cyane, kandi abatuye ubutaka bwasezeranijwe bazabashimira. Bibiliya iravuga mu Imigani Imig 23:7 "Kuko uko atekereza ku mutima, ari ko ari.....". Agura initekerereze yawe maze ubone Imana yagura imbibi z'ubushobozi bwawe mu kuzamurwa kwawe mu izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Navukiye kuba umutsinzi, nahamagariwe kwigarurira uturere kubwa Kristo. Sinzatsindwa kandi sinzahinyuza umugambi w'Imana ku buzima bwanjye. Nzaguka kandi nzagera kure mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Gutegeka kwa kabiri 1:28



**Hoseya 1:7**
**Ariko ya nzu ya Yuda nzayibabarira mbakize ngiriye Uwiteka Imana yabo, kandi sinzabakirisha umuheto cyangwa inkota, cyangwa intambara cyangwa amafarashi, cyangwa abagendera ku mafarashi.**

Sobanukirwa ko, uburyo bwo kubaho muri iyi si budusaba byinshi tudahabwa n'umubiri kugira ngo tugere ku ntsinzi twifuza. UmuKristo nta rwitwazo ahabwa n'ibitero bya satani, cyane ko, rimwe na rimwe bigenda bikomera uko urushaho gufata umwanzuro udakuka wo gukurikira Kristo. Ubuzima bw'ukuri ubayeho muri Kristo Yesu bukwiye kugengwa na Mwuka Wera uri muri wowe, atari wowe ubwawe. Niyo impamvu intumwa Pawulo ivuga ishize amanga: " Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga." Abafilipi 4:13.

Sobanukirwa ko, inzira z'Imana zikugeza ku ntsinzi ziri mu Ijambo ryayo ikuvugaho. Yaravuze ngo Nzi ibyo nibwira nzabagirira; ni amahoro si ibibi (Yeremiya 29:11). Ubu noneho, tumenye neza ko ikintu cyose kibi atari icy'Imana. Inzira y'ibitekerezo y'Imana isobanuwe neza: Itekereza kuduha ibyiringiro hamwe n'iherezo ryiza. Iyo hatangiye kuzamo inzitizi mu iherezo ryateganyijwe, mpita menya ko ari umwanzi, atari Imana. Inkuru Nziza ni ukumenya ko Imana izi iherezo mu itangiriro ariyo iyoboye, kandi intsinzi yawe uzayibona!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umutsinzi muri gahunda zanjye zose kuko nibanda kuri gahunda y'Imana. Ndi mu Mana nkuko nayo iri muri njye. Sinshobora gutsindwa mu buzima kuko nyobowe na Mwuka Wera. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Zaburi 44:3



GoodNews DAILY




BECOME A GoodNews DAILY PARTNER TODAY BY VISITING

WWW.GOODNEWSWORLD.COM/GNDPARTNER

# GoodNews DAILY

## EVANGELISM





**Abafilipi 4:7**
**Nuko amahoro y'Imana ahebuje rwose ayo umuntu yamenya, azarindire imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu.**

Icyanditswe cy'uyu munsi kidusobanurira neza ko igihe ibitekerezo byawe byibanze ku Mana, utitaye ku bibazo, Imana ubwayo izagukomeza. Mu yanzi magambo, umutekano no kurindwa washakaga, bibonerwa muri Yesu gusa. Kwizera Imana kwawe biva mu Ijambo ryayo ryuzuye amasezerano akwerekeyeho. Wibuke ko tutari ab'isi ahubwo turi mu isi. Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu (Abafilipi 2:5). Ubwenge bwa Kristo ntabwo bushyugikira guhangayika cyangwa ibitekerezo byinshi. Umutima nk'uri muri Kristo ntunyeganyezwa n'ibibazo biriho, cyangwa ngo uhangayike mu gihe uhuye n'ibibazo.

Dutuye mu isi aho bigoye kubona ukuri nyakuri. Tubona imvururu n'akavuyo impande n'impande. Twumva hirya no hino amasezerano y'amahoro, ariko ni gake cyane iyo miryango yubahwa. Yesu ubwe, Umwami w'amahoro, ashobora gutanga amahoro muriyi si yuzuye ibibazo. Amahoro Imana itanga arenze ubwenge bw'abantu kuko atari nkayo isi itanga. Amahoro y'Imana ntabwo akomoka mubintu no gushimwa ahubwo biva mubyishimo byimbere biva mubusabane bwawe n'Umwuka Wera. Iyo Mwuka Wera ayoboye, imitungo yawe itangira kubona ubuzima, no gukura kwawe mu buryo bw'Umwuka bikaba mu buryo budasanzwe bugaragarira bose.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Amahoro yanjye ava ku Mana, nta wayasenya; uhuzima bwanjye bugaragaza amahoro y'Imana; kandi buturuka muri njyewe. Sinzanyeganyezwa n'ibibazonzabisohokamo nkomeye, nagutse kandi meze neza mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yohana 14:27



**1 Abatesalonike 5:12-13**
**Ariko bene Data, turabingingira kugira ngo mwite ku bakorera muri mwe, babategekera mu Mwami wacu babahana. Mububahe cyane mu rukundo ku bw'umurimo wabo. Mugirirane amahoro.**

Kuki Intumwa Pawulo ibona ko ari ngombwa kuvuga "ab'icyubahiro cyinshi" mu kubaha Abayobozi bashyizwe hejuru? Imana niyo ihitamo abayobozi, rero kubaha uwo mukozi w'Imana, uba uri kubaha Imana. Umuntu w'Imana aba afite urwego rw'ubuntu ariho; niyo mpamvu urwego rwawe rwo kuganduka, no kubaha bizatera amavuta bafite kugukorera. Amavuta wubaha kandi ugaha agaciro by'ukuri, akora muruhande rwawe. Mugihe uhisemo kubaha bidasubirwaho abashyizwe hejuru yawe no mubuyobozi, vuba ubuzima bwawe buzagira iterambere.

Hari ibintu byinshi abakozi b'Imana bakorera aho tutareba. Wibuke ko, ni umukozi w'Imana si uwawe, rero kubaha umukozi w'Imana n'icyubahiro cyinshi uba wubashye Imana yamuhisemo. Umukozi w'Imana ni umuyoboro Imana ikoresha kugira ngo uhabwe umugisha, rero ufite inshongani zo kumwubaha.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ku bushake bwanjye nihitiyemo kubaha abashyizwe hejuru yanjye. Nzaba umwana wo guhumurizwa, watoranirijwe kubaha abari hejuru yanjye haba mu magambo ndetse no mu bikorwa kandi nzamurikira aho njya hoze mu izina rya Yesu**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Abakorinto 16: 18



GoodNews DAILY



**Abaheburayo 4:12**
**Kuko ijambo ry'Imana ari rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose, rigahinguranya ndetse kugeza ubwo rigabanya ubugingo n'umwuka, rikagabanya ingingo n'umusokōro kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira.**

Ukurikije icyanditswe dusomye ijambo ry'Imana ni "rizima": rirahumeka, rirareba, riragenda, riratekereza. Ibi bisobanuye ko uko ijambo ry'Imana rigwira mu buzima bwawe, niko urushaho kugenda umenya imitekerereze n'imigambi y'abantu. Ijambo ry'Imana iyo rigiye mubutumwa rirabusohoza nta kabuza. Yego, Imana yohereje Ijambo ryayo rirabakiza. Reka turebe byimbitse kuri uyu murongo: John 1:1 "mbere na mbere hariho Jambo kando Jambo uwo yari kumwe n'Imana kandi Jambo yari Imana". Iryo Jambo ryahindutse umubiri kandi riba mu bantu, kandi twabonye ubwiza bw' Umwana w'ikinege wa se, yuzuye ubuntu n'ukuri. Uwo ni Yesu!

Umwuka Wera uba muri wowe agifasha gukora ibikomeye kubwa Kristo. Muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi, vuga Ijambo ushize amanga, uzitungura ubonye ibikomeye byose bikuweho nk'umuyaga. Ni ikosa rikomeye kuba ufite uhoraho, uhumeka umeze nk'inkota ityaye impande zombi muri wowe, ukaba ufite umutwe n'umuriro bikumereye nabi ntuvuge Ijambo. Tangira kuvuga Ijambo ku muryango wawe, ubucuruzi bwawe, ubukungu bwawe maze utangize impinduka mu izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndarinzwe mu Ijambo, ndinzwe n'Umwuka wayo, yego, Kristo muri njye ibyiringiro byo kubaho. Sinzatsindwa, nzavuga Ijambo ry'Imana nshize amanga mu gutangiza impinduka mu buzima bwanjye!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abefeso 6:17



**1 Abatesalonika 5:24**
**Ibahamagara ni iyo kwizerwa, no kubikora izabikora.**

Imana muri gahunda yayo, yari yarashushanyije ubuzima bwawe bwose, ariko umwanya munini, abaKristo bifuza kubona gahunda yose mbere yuko bemera rwose agaciro kiyo gahunda. Umugambi w'Imana ku buzima bwawe ntushobora kuburizwamo igihe cyose ukorana na Mwuka Wera. Imana yaribizi kera ko muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi, ko uzaba uri gusoma iyi nkuru nziza y'ubuhanuzi yitwa "Inkuru Nziza ya Buri Munsi". Nta kintu na kimwe gitangaza cyangwa ngo gitungure Imana. Niwe mwanditsi ni nawe usohoza kwizera kwacu. Imana ntijya ikererwa. Igihe Cye kiratunganye iyo ugumye muri We.

Wibuke ko, Imana ariyo ihamagara, kandi kwizerwa kwayo ntigutsindwa. Imana igenda ibivuga kenshi mu Ijambo ryayo "Sinzamukuraho rwose imbabazi zanjye (Zaburi 89:33). Nabonye neza mubuhanuzi aho Imana yavugiye muri njye mu Ijambo ryayo byose byarasohoye, abantu bakambaza uti ese, ubikora ute? Ntiwibagirwe ko ni Imana iba ivugira muri njye, kandi rero iyo ivuze, isohoza ibyo yavuze byose. Nabivuze kenshi ko mu murimo w'Imana iyo Imana iguhaye iyerekwa, itanga ibikenewe kugira ngo usohoze iyerekwa ryawe. Iyo uri mu murimo w'Imana ukaba uhora uhangayitse ushaka ibyatuma usohoza iyerekwa ryawe, icyo gihe uba ukwiye kugenzura neza iyerekwa ryawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umuKristo ufite ibihamya wahamagariwe gukomera. Ngendera mu mugambi w'Imana kandi sinzasubira inyuma. Urugendo rwanjye n'Imana ruzatuma ngira ubwenge n'imbaraga zo kubaho Ijuru Ku Isi. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abafilipi 1:6



**Gutegeka Kwa Kabiri 8:18**
**Ahubwo uzibuke Uwiteka Imana yawe, kuko ari yo iguha imbaraga zikuronkesha ubutunzi, kugira ngo ikomeze isezerano yasezeranishije indahiro na ba sekuruza banyu, nk'uko irikomeza muri iki gihe.**

Kimwe mu bintu ntemeraho impaka ni iki: ubutunzi n'ubwanjye, ikintu cyose kitemeranya n'ibi kiva kuri satani, kandi ndacyamagana. Ubukene n'ubwa satani buza kukwiba amahoro yawe, umunezero, amagara ndetse n'ubuzima bwawe; mu gihe ubutunzi buza gukomeza umunezero wawe, amahoro, amagara, ndetse no kuzura ubuzima. Ijambo ry'Imana ribivuga ryeruye ko izaguha umugisha kugira ngo ubere abandi umugisha. Wahawe umugisha birenze igipimo kugira ngo ugurize amahanga ntugire uwo uguza!

Imwe mu mpamvu Imana yahaye uyu mwaka izina "Umwaka w'Amafaranga" ku bari mu bucuruzi n'ukugira ngo habeho ihererekanywa ry'ubukire buva mu maboko y'abanyabyaha bujya mu maboko y'abakiranutsi bafite intego yo gushyigikira Ubutumwa Bwiza muri buri mudugudu, akarere, umujyi ndetse n'igihugu. Umuco wo kwitiranya ubukene no kwera wo watumye Ijambo r'Imana ritagira imbaraga mu miryango myinshi ya Gikristo uno munsi. Ntabwo mbwiriza ubutumwa bw'ubutunzi nkuko bamwe bavuga, hoya, mbwiriza Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana bufite ubutunzi muri iyo mpamba. Ndatura ubutunzi aka kanya; amafaranga azamenya aho utuye mu Izina rya Yesu. Amen!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfashe ubukire n'ubutunzi bwanjye nk'umwana w'Imana; muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, nzabaho ubuzima bw'umwuzuro udasanzwe kure cyane y'ubukene, gukena ndetse no kubura. Ndakize muri byose. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Hoseya 2:8



**Luka 8:22**
**Nuko ku munsi umwe, yikirana mu bwato n'abigishwa be arababwira ati "Twambuke tujye hakurya y'inyanja." Baratsuka.**

Ndabyibuka neza igihe kimwe mu "UMWAKA W'IBITANGAZA BITAGIRA UMUBARE", ndavuga 2022, nari ndi mu ndege kandi imisukosuko iri kunyeganyeza indege impande zose. Nsobanukirwa ko iyo itari imikuku isanzwe ahubwo ari igikoresho cy'umwuka kiri mu kazi, kirwanya ubutumwa bwacu. Hari aho byageze, bimera nko kujugunywa n'umuraba w'imbaraga nyinshi! Sinari ngishoboye kwihangana maze ndekura urusaku rwumviswe n'abo twari twegeranye maze ikintu gikubita cyane mu byuma by'imashini ako kanya imisukosuko iratuza.

Akenshi, imyizerere ya benshi n'uko abakristo batuje, bacecetse, bahamye kandi ari abanyantege nke; n'iyo ubwato bwaba buri kurohama, kandi nk'aho ubuzima bw'iteka bwegereje mu kurohama, iri ni ikosa rikomeye! Uyu n'umwaka w'Ijuru Ku Isi; baho mu Ijuru Ku Isi aka kanya aho kugira ngo ucike integer ku nzozi zawe ndetste n'imishinga yawe myiza. Uri Umutsinzi, baho nkawe. Reka umwami ukurimo akoreshe akoreshe ubutwari bwe hejuru y'ibyo unyuramo, bitagenwe n'ibyo unyuramo, maze ubutsinzi bwawe buzatungura benshi; Yesu ari mu bwato bwawe; kubw'ibyo, ibindi byose bihinduka impfabusa.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nzigaragaaza, nta gutinya ukundi. Hamwe na Kristo muri njye, mfite igisabwa kugira ngo nsubize igitero abanyataka. Ubuzima bwanjye ntibushobora kwizengurukaho, ibintu byose bifatanirza hamwe kunzanira Ibiza kandi aho ngana narahasezeranijwe mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Matayo 8:23-24



**Zaburi 69:9**
**Kuko ishyaka ry'inzu yawe rindya, Ibitutsi by'abagutuka byaguye kuri jye.**

Reba neza hano ubwoko bw'ishyaka cyangwa se urukundo buvugwa muri kino cyanditswe. Ishyaka niryo ritekereza iby'ubwami; ibyo witaho ndetse n'intekerezo zawe biri ku murimo nta bitekerezo byo gushidikanya. Iyo watwawe n' inzu, ibyerekeye umurimo biba ibya mbere kuri wowe. Mbwira abantu ko umurimo w'Imana ari uw'igihe cyose maze ibindi byose bikaba iby'igihe gito. Ibikenerwa mu murima muri ibi bihe birenze ibifatwa nk'ibisanzwe. Hari igice kinini cy'isi hanze aha kidafite Kristo, kandi twahawe umukoro wo kubahindura.

Ibi byakabaye umutwaro utuma umara amajoro udasinziriye utekereza uburo ndetse n'inzira zo kubavana mu muraba. Urabona, ubutumwa mpuzamahanga busaba imari mpuzamahanga. Uyu ni umwaka amafaranga azagwira nk'ivu rya zahabu, aho niho havuye izina "Umwaka w'Amafaranga" ku bari mu bucuruzi. Aya mafaranga aje afite ubutumwa yagenewe bwo gushyigikira umurimo w'Imana no guteza imbere ubwami bw'Imana. Nta gihe kigihari cyo gukina; twamaze kujya ibwina. Reka ishyaka ndetse n'urukundo ufitiye Kristo bigaragare muri buri gice cy'ubuzima bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima bwanjye buzarabagirana kandi bumurike isi inzengurutse. Nzagaragaza imbaraga z'Umwuka Wera muri njye. Sinshobora kunanizwa; sindi igicibwa. Ndi muri Kristo.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yohana 2:17



**Abefeso 2:10**
**Kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.**

Ukugaragazwa kw'imbaraga ziva heju-ru ni kimwe mu bigize iyi mpano, ariko Abakristo bake bagendera muri izo mbaraga. Uteyemo uturemangingo tw'Imana muri Kristo ndetse washyizwe ku ruhande kubera ikimenyetso n'igitangaza urungano rwawe, ariko nta muntu ukuzi. Imbaraga zituye muri wowe ntacyo zikora; kugeza igihe utangiye gukoresha izo mbaraga, ntacyo zizakungura. Kugeza ubwo uzatangira gushyira mu bikorwa izo mbaraga z'Imana zituye muri wowe, ubuzima bwawe ntibuzagaragaza ubwiza bw'icyubahiro cyabwo, Imana yamaze kuguha imbaraga, ni wowe usigaje kuzikoresha.

Kuba abo Imana yaremeye muri Kristo Yesu bitubwira umurimo w'Imana uhebuje. Imana yafashe umwanya wayo ikubumba. Uri urugingo rw'umubiri wayo; uremye mu ishusho y'Imana mu bikoresho by'ubumana kugira ngo ukore nk'Imana, ushyireho ibintu nk'uko Imana yabikora. Nusobanukirwa ko ufatikanije n'Imana mu bumana wayo mu kuri kwabwo, uzaitwara bitandukanye, bisobanukirwe uyu munsi maze ugendere mu mbaraga n'ubutware bya Kristo. Ibyaremwe byose bitegereje kwerekanwa kw'abana b'Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima bwanjye ni kopi y'imiterere y'Imana. Ngendera mu mbaraga; ibinkikije bizakorwaho muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi. Nzahora ngaragaza kamere n'imiterere y'Imana muri njye. Mfite muri njye uturemangingo tw'Imana kandi nzaba umukristo ufite ibihamya. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yesaya 19:25



**Matayo 6:21**
**Kuko aho ubutunzi bwawe buri ari ho n'umutima wawe uzaba.**

Reba neza gusengera amafaranga n'ugukora ubusa. Ibijyanye n'amafaranga, ni igihango, ntabwo ari isezerano. Iyo utanze, amafaranga arakugarukira. Biroroshye. Wamara amasaha mu masengesho, abandi Bakristo bagera n'aho biyiriza bashaka amafaranga, ariko ukuri kwabyo n'uko bitahindura ubutunzi bwawe mu gihe kidasanzwe. Ikibazo ni iki, kuki wasenga ndetse ukaniyiriza hejuru y'ikintu wahawe amabwiriza yo gukora? Iyo Imana iba ikeneye amasengesho kugira ngo ubone amafaranga, byaba byanditswe hose muri Bibiliya, ariko sibyo, kugira ngo wakire umusaruro mwinshi, amabwiriza n'ugutanga. Mbona Abakristo bamwe basenga cyane ngo amadirishya y'Ijuru akinguke, ariko ukuri kugoye kumva nuko atari ukuri.

Iyo wishyuye "Icyacumi", amadirishya y'Ijuru azagufungukira hisuke umugisha utazabona aho ukwiza. Abakristo benshi ntibashaka gushyira mu bikorwa amahame y'Ijambo ry'Imana, kandi bashinja Imana gukena kwabo. Itoze gutanga, maze uzabona igisubizo cy'Imana ku butunzi bwawe. Ntiwarusha Imana gutanga, hoya, habe na gato! Narabigerageje maze mbona ko uko urushaho gutanga, niko imiryango irushaho kugufungukira. Bishyire mo umutima maze ubeho Ijuru ku Isi aka kanya!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nsobanukiwe ko ntarusha Imana gutanga. Ndi kubiba muri ejo hazaza hanjie; icyo ndekura ku Mana ntikijya gitakara. Uko ntanga, umusaruro wanjye urumbutse urasezeranijwe nta gushidikanya mu izina rikomeye rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Imigani 23:4



**Luka 9:57**
**Bakiri mu nzira umuntu aramubwira ati "Ndagukurikira aho ujya hose.**

Duhamagarirwa umurimo kandi duhabwa impano kubwo kuzuzwa kw'umubiri wa Kristo. Impano, ubuhanga, cyangwa ibyo dushoboye, bikoreshejwe, ntakabuza bizateza imbere umurimo w'Imana ndetse byagure Ubwami. Iyo ufite imitekerereze yo guteza imbere Ubwami, ntutegereza kubisabwa; uritanga mubyo ushoboye nta gushidikanya kuko ushaka ko Ubwami bw'Imana butera imbere. Mu cyanditswe cy'uyu munsi, umugabo yitanze mu gukurikira Yesu; ntiyategereje guhamagarwa cyangwa kubisabwa; yaritanze, bikaba iby'ingenzi mu buryo azagendana n'Uwiteka.

Tugomba kwitondera uyu mugabo kugira ngo dusobanukirwe ko Imana ishaka abantu nk'aba aho ibyo bakora mu murimo biva mu ishyaka ryaka umuriro ryo kubona Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana bukora ku buzima bw'abantu mu migabane yose. Urukundo rw'Imana ndetse n'ishyaka ryo kubona Ijuru ryuzuye ikuzimo harimo ubusa bituma umuntu yita ku murimo w'Imana abishyizeho umutima. Urabizi, igihe uzita ku murimo w'Imana ubishyizeho umutima, Imana, nayo, izita kubyawe ibishyizeho umutima. Inkuru Nziza nuko ibyo ukorera Imana byose ubihemberwa none, no mu bugingo buzaza!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima bwanjye butanzwe mu murimo w'Imana. Nzirukankana iyerekwa ryo kubona Ijuru ryuzuye Ikuzimo harimo ubusa. Nzamurika ndabagirane nkururire abanda kubona Kristo muri njyewe. Sinshobora gukozwa isoni n'ubutumwa bwiza kuko ari imbaraga y'Imana ihesha agakiza.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Matayo 8:22



GoodNews DAILY



**Yohana 15:13**
**Nta wufite urukundo ruruta urw'umuntu upfira incuti ze.**

BIbiliya itubwira ko tukiri abanyabyaha, Kristo yadupfiriye(Abaroma 5:18). Bene uru rukundo n'imbonekarimwe; biragoye muri ino minsi kuba wanatanga ubufasha bwa gishuti ku muntu utazi, ariko urukundo rwa Data rukwiriye gufata imitekerereze yacu mu mibereho yacu ya Gikristo. Uku n'ukugaragazwa kw'urukundo twitezweho mu Bakristo; urukundo ugirira mwenedata rugomba kugaragaza urukundo rumwe n'urwo Yesu yagaragaje rutagendeye ku mpamvu runaka. Iyo tuvuga gukunda abadakunditse, biba ari hose. Uko wisanisha n'abandi, mu rusengero no hanze, bigomba kugaragaza iyi kamere yo kwakirana nta kwishisha.

Iyo ubonye mweneso ateshutse cyangwa arengereye mu kintu kimwe cyangwa ikindi, kumukosora kwawe kwakabaye kuvuye mu rukundo rwa "Agape". Turi abigana Kristo ndetse n'inzandiko kandi tugomba gukora nka Kristo. Urukundo nyakuri rukwiriye gutwikira imiganirire yacu n'Abakristo bagenzi bacu ndetse n'abatari Abakristo mu buryo bumwe. Ibijyane n'urwango, umujinya, amatiku, ndetse no kugambanirana ni imikorere y'umwanzi yo kubiba imbuto zo kwirema mo ibice n'impaka. Reka urukundo rutembe mu biganiro byawe, mu gukora ibyo, ubugingo bwa benshi buzazanwa kuri Kristo. Kristo ni we rugero nyakuri rw'urukundo kandi dukwiriye kubyigana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nzareka urukundo rutembe mu biganiro byanjye. Ntihazabaho imigambi ihishwe mu buryo negeri abanda. Nkora nka Kristo; ngendana urukundo rwa Agape kandi ubuzima bwanjye buzakomeza gukura. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Yohana 3:16



**Abaroma 13:1**
**Umuntu wese agandukire abatware bamutwara, kuko ari nta butware butava ku Mana, n'abatware bariho bashyizweho n'Imana.**

Nusobanukirwa ko Imana iha agaciro gakomeye icyubahiro no kubaha maze ugahitamo kugendera muri uwo murongo, uzabona impinduka mu buzima bwawe bwite. Inzira ndetse n'uburyo wubaha mo abakuri hejuru mu butware nibyo bizagena urwego rwawe rukurikiye ho. Bibiliya yuzuye abatware bahawe icyubahiro kandi umusaruro wabyo n'umugisha utemba. Iyo ushaka kuzamurwa no kubahwa, ugomba kwitoza kubaha.

Imana yubaha umurongo ngenderwaho, bitari akavuyo; Imana ntabwo ari iy'umuvurunganyo. Iyo umuyobozi ayobora igihugu, inshingano zacu z'ibanze nk'Abakristo n'ukumusengera. Ubutware buriho, mu yandi magambo, abayobozi, bashyirwaho n'Imana. Nta muntu uzamuka mu buyobozi bitunguye Imana. Hari impamvu zihagije zituma Imana yemerera ubutware buriho kugumaho. Ni gute wakwizera guhabwa umugisha n'Imana mu gihe utubaha ubutware Yagushyize hejuru? Mu gihe utubaha Abayobozi utitaye ku myaka yabo, intera rwawe rukurikiyeho ruzakomeza kudindira. Ongera ushyire ku murongo uko witwara ku batware maze ubone gusunikwa mu rwego rwisumbuyeho.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nziko biciye mu kubaha abanda, Imana izanyubahisha kandi ikanzamura. Nzabaho ubuzima bwo kubaha ndetse no kumvira abanda. Uko nitwara ku bayobozi birahinduka kuko noneho nziko abatware bimikwa n'Imana.**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Petero 2:13



GoodNews DAILY



**Matayo 25:16**
**Uwo mwanya uwahawe italanto eshanu aragenda arazigenza, agenzuramo izindi talanto eshanu.**

Ubuzima n'ubucuruzi: uba uri gukorera mu gihombo cyangwa se mu nyungu. Ukwiriye kwiga uburyo washora neza; ukwiriye kumenya ko ari imirimo y'Uwiteka; Yatangiye umurimo muri wowe; ugomba kubyumva maze ugatangira kugendera mu mbibi nshya uziko ufite urwego runaka rw'ubuntu. Imirimo y'amaboko yawe izahabwa umugisha, ariko amaboko yawe uri kuyakoresha? Wahawe amahirwe yo gufungurirwa I bukuru. Uri kubyitwaramo gute? Igihe kirageze ngo utangire iyi business umaze igihe ushaka maze wohereze incundura yawe ibwina.

Muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, imiryango y'ubushobozi n'amahirwe iragufungukiye. Iki nicyo gihe cyo kwagukira isi yose, ukoresheje umuyoboro Imana yagufunguriye. Genda kubw'umwuka w'Imana, ntuzuyaze, mwenedata wavuzwe mu cyanditswe yahise atera intambwe arakora, kandi yagize inyungu. Iyo niyo ikwiriye kuba imyumvire yawe. Ndatura amafaranga mu bucuruzi bwawe, amafaranga muri konti yawe, amafaranga mu mishanga yawe, ndetse ikintu cyose werekezaho amaboko gukora kizatera imbere. Winjiranye mu kwezi gushya ubuntu bw'umuvuduko. Nta gutinda ukundi mu izina rya Yesu. Amen!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima bwanjye buzunguka. Mpamagarirwa ibikomeye kandi nzateza imbere ubwami bw'Imana. Ndi umuterankunga ndetse nkaba rukuruzi y'amafaranga; nzatera imbere muri buri kimwe nkore mu izina rya Yesu. Amen!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abaroma 12:6



**2 Abakorinto 5:17**
**Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.**

Iyo ubaye umukristo, ntabwo uba ukiri wa muntu wahoze uri we. Ushobora gusa nka we inyuma, ariko mo imbere uba uri mushya. Umwuka wawe, ishingiro ry'uwo uri we – wowe nyakuri – uba wahindutse. Usimburwa cyangwa se uhindurwa n'Umwuka w'Imana. Bishatse kuvuga ko atari wowe wa kera wiyuburuye. Oya, habe na gato! Ahubwo uri ikiremwa gishya kitigeza kubaho mbere.

Ukomoka hejuru, bivuze ko n'umuco wawe utakiri nk'uwo ku isi. Umuco wawe ni uw'ijuru! Ugomba kubaho ubizi neza kugira ngo utemerera imigenzo y'iyi si kukwanduriza umuco wawe mushyashya.

Imigenzo y'isi ni intsinzi yuzuye urubura igenga imikorere yo muri iyi si, ariko wowe nturi uwo muri iyi si. Uri umunyagihugu cy'i Siyoni kandi uhagarariye Ijuru mu isi! Imyambarire yawe, ibigushimisha, imivugire ndetse n'imirire yawe byose ni iby'Imana. Kanguka wakire ukuri kw'uwo uri we ukurikije Ijambo ry'Imana, maze ubeho ugendera ku muco w' Ijuru.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ambasade y'umwuka wera, navukiye hejuru! Sinkiyoborwa n'imikorere y'iyi si cyangwa ngo nsikamirwe n'imigenzo yayo, kuko Ubwami bwange buri hejuru y'iyi si.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Mariko 7:13



**Daniyeli 12:1**
**"Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe azahaguruka...**

Muri buri mugi hari imyuka igenga ahantu. Hari abamarayika bashinzwe kurinda umutekano w'umugi. Urugero, Mikayeli umutware, ahagarikiye igihugu cya Isirayeli. Hari kandi imbaraga z'amadayimoni zihora zishaka kwigarurira ibihugu kugira ngo zibiteze ibyago. Kubera izo mpamvu buri mukristo wese agomba gusenga. Iyo ubaye umukristo usenga, uhinduka umutegetsi w'umugi, agace cyangwa se akarere utuyemo kandi utera imbaraga abamarayika bagashobora kurwanya imbaraga z'umwijima ntizikore aho uri.

Mbere yo gukizwa kwe, Pawulo mu gitabo k'ibyakozwe n'intumwa yasakazaga amagambo atera ubwoba kandi ahungabanya abemeraga Kristo, ariko yakoze ikosa ryo kwinjira mu gace kari kuzuye amasengesho y'umutegetsi wako witwaga Ananiya, maze atungurwa n'umucyo. Ananiya ntiyari yuzuye imbaraga z'Umwuka Wera nkuko umeze wowe mu isezerano rishya.

Ariko yari umugabo w'amasengesho kuburyo abashakaga guhungabanya itorero ry'i Damasiko bahuye n'umurabyo! Urakomeye kurusha Ananiya! Uko usenga, uha imbaraga abamarayika bashinzwe kurinda no kubungabunga umugi urimo. Mu gihe usenga, uge ureba abamarayika bari kuzuzwa imbaraga z'umurabyo w'Imana. Rangurura mu mugi urimo mu isengesho kandi ufate ubutware hejuru y'agace kawe muri uyu mwaka w'Ijuru ku isi!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umutegetsi w'umugi wange. Nuzuza ikirere amasengesho yange. Kuva ndi hano, imbaraga z'amadayimoni zigomba gupfukama, mu izina rikomeye rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Ibyakozwe n'intumwa 9:1-20



**Itangiriro 1:26**
**Imana iravuga iti "Tureme umuntu agire ishusho yacu, ase natwe...**

Mu gihe gishize cy'urubura, umugi wo muri New York wapimye izisaga metero ebyiri z'urubura rwari rutwikiriye buri kintu cyose cyagaragaraga. Ntekereje neza ku ngano y'urubura rwaguye ku isi kuva yaremwa, ntangajwe n'ubukorikori butangaje bw'Imana. Urabona, nta tubuye tw'urubura tugwa tumeze kimwe.

Buri kamwe gakozwe byihariye kandi bitandukanye n'Imana, idakeneye gusubiramo ikintu yakoze nanone. Imana iratangaje nkuko Bibiliya itubwira ko abamarayika bo mu ijuru badasiba amanywa n'ijoro ahubwo bahora bavuga ubutitsa, uwera, uwera, uwera ni Imana Ishorabora byose (Ibyahishuwe 4:8)! Igihe cyose bamwitereje, babona indi shusho y'Imana batari barabonye mbere! Buri kiremwa muntu cyaremwe n'Imana, kandi iyo niyo Mana itajya isubiramo ikintu kabiri – kandi nawe uri ishusho yayo. Ntibitangaje rwose kuba Bibiliya ivuga ko waremye mu buryo bw'igitangaza kandi buhambaye (Zaburi 139:14).

Rero Imana ntikomeza kwiyereka abamarayika gusa, ahubwo yiyerekana kandi mu isura yawe idasanzwe. Umuco w'iyi si ni ugushyiraho ibipimo by'ibyo bumva ko ari byiza. Ntuzigere wibona nabi kubera ibyo bipimo, kuko sibyo bipima ubwiza. Birahambaye, kuko wambaye imwe mu ma shusho menshi y'Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi uwerekana Imana, yo irema ibintu byose byiza ishingiye ku bipimo bitagereranywa. Muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, ndi igitangaza kigenda, kiremwe mu ishusho y'Imana. Ndi ikirango cy'ubwiza bw'Imana.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Ibyahishuwe 4:18



**Mariko 5:15**
**Bageze aho Yesu ari basanga uwari utewe n'ingabo z'abadayimoni yicaye, yambaye afite ubwenge nk'abandi baratinya.**

Guhura na Yesu bizaguhindurira imyambarire. Uzabaze umugabo w'i Gadara, yari amaze igihe yiruka mu bituro kandi yambaye ubusa, kugeza igihe yahuye na Yesu. Kuva igihe Yesu yamubohoreye, bibiliya yavuze ko bamusanze yambaye ariko se wigeze wibaza aho yakuye imyenda yo kwambara? Dukurikije ibyanditswe, Yesu ni we wenyine wavuzwe ko yagiye i muhengeri kuri uriya munsi. Urabona, Yesu ntabwo ugomba kumuha gusa ibice bimwe by'ubuzima bwawe. Ni Umwami, bivuze ko afite Ijambo muri buri gace kose k'ubuzima bwawe, harimo n'imyambarire yawe.

Buri mwenda wose wambaye ugaragaza ako kanya umwuka uri kuyobora ubuzima bwawe. Imana ishaka ko uberwa. Irabyishimira, kandi nk'umwana w'Imana, imyambarire yawe igomba kugengwa n'Umwuka w'Imana. Mu gihe cy'ubuntu, ntabwo tuyoborwa n'amategeko n'amabwiriza nko mu gihe cy'amategeko. Ariko nanone, ntabwo tubaho uko twiyoboye gusa. Turi abambasaderi ba Kristo (2 Abakorinto 5:20), inzandiko zibonwa kandi zisomwa na bose. Igice kirebwa gikubiyemo uko ugaragara cyangwa se uko wambara. Isi iri gushakisha ibyo idafite, kandi nibakubona, bagomba kubona ibitameze nk'ibyabo mu myambarire yawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nkura uburyo bw'imyambarire yange ku Mwuka w'Imana. Nambaye nk'umutambyi w'Imana washyizwe ku ruhande kandi wasizwe nk'umwami.**

**IBINDI BYANDITSW**
**E**Abaroma 14:7



**Luka 4:1**
**Yesu yuzuzwa Umwuka Wera, ava kuri Yorodani ajyanwa n'Umwuka mu butayu**

Sekibi ni umwanzi watsinzwe kandi nta bubasha agufiteho keretse ubwo wowe wamuhaye. Gusa hari ikintu kimwe Sekibi aneshereza mo abakristo: guhozaho. 'Sekibi' si izina. Ni inshingano z'akazi. Bivuze utera buri gihe kugeza yinjiye. Ni yo mpamvu ibyo bimenyetso by'indwara bikomeza cyangwa bikarushaho gukara mu gihe uri kwatura ijambo ryo gukira n'ubuzima mu mubiri wawe. Utegeka ububabare bw'umutwe ngo buhagarare, ahubwo bugakomera kurushaho. Iyo uvuze ngo "AMAFARANGA ARAJE!" ibibi byose bihagurukira ubutinzi byawe. Kubera iki? Ni ukubera ko Sekibi ahozaho.

Igihe Yesu yajyanywaga mu butayu, Sekibi yamugerageje rimwe gusa nyuma y'iminsi mirongo ine yose, ariko Yesu we yari ashikamye kumurusha. Ufite ubwo bushobozi nawe. Sekibi ni imbwa ya kera itagifite imikorere mishya. Kumenya ibi, byatuma umutsinda mu mukino we. Uko byagenda kose, ntuzigere uhindura imvugo yawe. Nubwo ibimenyetso by'indwara byakiyongera, komeza uhamye ko ukize. Igihe abana bawe bakomeje kuzana ibidafite ubwenge bishya, komeza kuvuga ko ari umurage w'Uwiteka. Uge uhozaho mu Ijambo ry'Imana, uzajya uhora utsinda buri gihe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Yesu muri nge atuma mba inzozi mbi cyane Sekibi yarota! Ndi inkongi y'umuriro, nambaye ijambo ry'Imana nk'intwaro, kandi ndi inzobere mu kuburizamo imigambi y'umwanzi. Muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, ntabwo nzateshuka cyangwa ngo nsubire inyuma, mu Izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1Peter 5:8-9



**Imigani 23:7**
**Kuko uko atekereza ku mutima ari ko ari. Yenda arakubwira ati "Ngwino ngufungurire", Ariko umutima we ntabwo uba uhuje nawe.**

Byinshi mu byo wibwira ko wize muri kaminuza ntabwo wabyize, ahubwo wabifataga mu mutwe. Ni ubumenyi washyiraga mu mutwe igihe gihagije kugira ngo ubone uko utsinda ibizami. Ni yo mpamvu uramutse uhawe icyo kizami nyuma y'imyaka ibiri , utagitsinda. Kubasha kwibuka ni ubushobozi ubwonko bufite mu mutwe wawe, ariko hari ubundi bwonko ushobora kuba uzi buba mu mutima. Mu mutima wawe, harimo utunyangingo 40,000. Dushobora gutekereza, kwiyumvira, ndetse dushobora no kwibuka. Niyo mpamvu bibiliya ivuga ngo uko umuntu atekereza mu mutima we, niko ari, kandi ngo ni mu mutima umuntu yizerera (Imigani 23:7).

Uko wumva kandi usoma ijambo ry'Imana, ntabwo uba wuzuza ubwonko bwo mu mutwe ahubwo wuzuza ubwo mu mutima. Nk'uko urwibutso ruri mu mutwe wawe rwibagirana, n'urwibutso ruri mu mutima rushobora gusibangana gahoro gahoro. Ni yo mpamvu ari ingenzi kuzuza umutima wawe ijambo ry'Imana ubudasiba. Siyansi yagaragaje ko amakuru ndetse n'amarangamutima bitibagirana. Uko wumva Ijambo, uge urisubirisha buri kimwe cyose kiri muri wowe. Reka Ijambo ry'Imana ryiyandike muri buri kanyangingo kose k'umutima wawe, ntirisibangane.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nshishikariye Ijambo ry'Imana. Ijambo ryayo ni ubuzima mu mubiri wange, ni ubuzima buzira umuze mu ngingo zange. Ijambo riri muri nge rinyuzuza umunezero kandi rinsakazamo urukundo.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abaroma 10:10



**Mariko 14:7**
**Abakene bo muba muri kumwe na bo iteka kandi aho mwashakira mwabagirira neza, ariko jweweho ntituzahorana iteka.**

Buri hantu hahuriye abantu, haba hariho iringaniza kandi ubukene ni yo ntwaro irikora. Ntabwo ari uko hatariho amafaranga ahagije mu isi kubera ko ku isi hariho amafaranga y'umurengera kugira ngo buri wese abeho atunze byinshi, ariko ubukene ni intwaro ishyizwe mu biganza by'abagome.

Na Yesu yaravuze ngo abakene bazahora hagati muri mwe, ariko iyo usomye uwo murongo witonze, ntabwo yigeze avuga ko uri umwe muri bo. N'ikimenyimenyi, avuga ko ari wo ugomba kugirira neza abakene igihe cyose ubishakiye. Yesu ntiyigeze yivuga nk'umuntu ukennye, nta na rimwe! Washyizemo itandukaniro rigaragara hagati ye n'abakene. Yaravuze, "abakene bo muba muri kumwe iteka...ARIKO NGE, ntituzahorana iteka."

Yari ari gusobanura neza ko we atari muri abo bakene kandi nawe nturimo. Menya neza uwo uri we muri Kristo. Ntabwo ushobora kuba muri we maze ngo wimenyekanishe nk'umukene. Ntibishoboka! Izere gusa icyo ijambo ry'Imana rivuga kuri wowe. Ntabwo uri umukene, kubera ko Kristo yakugize umukire! Uge ukomeza kubivuga kugeza igihe bizahinduka ukuri.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nkoresha neza buri mahirwe yo gutoza kwizera kwange mu byerekeye kugira ubutunzi bw'amafaranga. Niyo mpamvu, konti zange zose zizahamya ubukire bwange. Ntabwo nzigera nkena! Mfasha abakene, ariko sindi umwe muri bo, mu Izina rya Yesu rikomeye!**

**IBINDI BYANDITSWE**
2 Abakorinto 8:9



**Luka 2:45**
**Bamubuze basubira i Yerusalemu bamushaka.**

Igihe Yesu yari afite imyaka cumi n'ibiri, ababyeyi be bamujyanye i Yerusalemu mu munsi mukuru wa Pasika. Yari umugenzo wabo buri mwaka (Luka 2:41-42). Muri uyu mwaka ariko habaye ikintu kidasanzwe. Igihe bari batashye, Yesu mtabwo yari mu bantu barimo bagendana na bo bataha. Igitangaje nuko byafashe umunsi wose kugira ngo babibone.

Bibiliya itubwira ko basubiye i Yerusalemu, nuko nyuma yo kumushaka iminsi itatu, baramubona (Luka 2:46). Ushobora kwibaza uburyo ababyeyi be batamye ko Uwari ufite agaciro kanini atari ari aho batekerezaga ko ari, ariko kubura Yesu bisanzwe bibaho kurusha uko uri kubitekereza. Birashoboka kubura Yesu ariko ntubimenye. Ufite ubwishingizi nk'umukristo ko Umwami atazigera agusiga, ariko ni inshingano zawe kwemeza ko nta ntera izigera iba hagati yanyu.

Ntabwo ari ngombwa ko Bibiliya yawe ijyaho ivumbi mu gihe ushobora kugirana ubusabane bwiza n'Ijambo ry'Imana. Niba ushaka kumva ijwi ry'Imana, subira ahantu ho gusenga. Subira ku rukundo ryawe rwa mbere (Ibyahishuwe 2:4-5). Ntukareke umunsi ushira utavuganye na We ngo umurane umwanya na We. Ubwo gusa nibwo utazasubira kumushaka. Azara ari aho uri agutegereje.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Kwiyegurira Imana kwange ntikuzigera kugabanuka. Ndi kwimbika mu masengesho kandi naka umuriro w'Umwuka Wera kurushaho. Ndategeka kandi ndatura ko ndi utwika!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abaroma 8:38-39



**Luka 18:1**
**Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe.**

Nta mukozi mu bwami bw'Imana utari uw'agaciro. Buri wese afite icyo agomba gukora, kandi umwe mu mirimo y'ingenzi ushobora kugira ku isi ni ugusenga. Isengesho ni ingobyi y'ubukristo. Ni imwe mu nzira dushobora gusabanamo n'Imana kandi ni umuboro w'ingenzi cyane Imana icamo ngo yinjire mu bikorwa bibera ku isi. Ntuzigere usuzugura imbaraga zawe mu isengesho.

Mu gihe usenga, abamarayika baba biteguye gukora umurimo wose bahabwa. Mu masengesho yawe, Imana ishobora guhindura imikorere y'ahantu, igakuraho amahame, maze igateza impagarara mu migambi y'umwanzi! Bibiliya iravuga ngo abantu bakwiye gusenga iteka ntibarambirwe. Bivuze ngo niba utari gusenga, wararambiwe, kandi nta mwanya uri mu gisirikare cy'ingabo zinaniwe. Inshingano zo gusenga sizitegekewe abagabo cyangwa abagore. Ni iza buri wese!

Niyo mpamvu, ugomba kwiyuzuza imbaraga ukoresheje isengesho buri gihe. Isengesho riguha intwaro zo kurwanya amayeri y'umwanzi, n'ibyo yateganyije n'ibitero bye. Umwanzi ahora ahanganye ariko Umwuka Wera agaushoboza guhangana kurushaho. Isengesho ntabwo ari iry' "igihe ibindi byose byatinzwe". Isengesho rikurinda gutsindwa! Muri uyu mwaka w'Ijuru kw'isi, sinzagwa!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi icyuma cy'Imana gityaye cy'intambara. Nshyigikiwe n'inteko ishingamategeko yo mu ijuru kandi amasengesho yange yagizwe intwaro. Iyo nsenze, iteganyagihe rirahinduka, ubukungu burahinduka, leta ziranyeganyega, kandi abadayimoni biruka bashaka aho bihisha!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yakobo 5:17



**Zaburi 105:14-15**
**Ntiyakundira umuntu ko abegera, yahaniye abami ko babagiriye nabi. Ati"Ntimukore ku bo nasize, ntimugire icyo mutwara abahanuzi bange."**

Kristo si izina rye rya kabiri, bivuze Uwasizwe n'Amavuta yamusize. Bibiliya itubwira ko buri Mukristo ari muri Kristo, kandi ko buri Mukristo yasizwe. Rero, iyo Imana ivuze ngo ntimukore ku bo nasize, ntabwo Iba ivuga intumwa gusa, abahanuzi, abashumba, abigisha n'abavugabutumwa. Iba iri kuvuga wowe. Ugomba kumva ko ubukana bwo kumva ko umuntu bamukozeho ntabwo buterwa n'uwamukoze ahubwo buterwa n'ubwiyumviro bw'uwo bakozeho.

Ubyo bigushyira mu mwanya w'ubutware kuko ari wowe wemeza uko gukorwaho n'umuntu biri bu kumerere. Umuntu ashobora kugukoraho mu buryo butandukanye: ashobora gukora ku butinzi bwawe cyangwa se akangiza izina ryawe kandi ntabyiteho, ariko ni wowe ugena niba uko agukozeho ubyishimiye cyangwa se utabyishimiye. Ibyo bikugira uw'igitinyiro! Imana ntiyakwemerera umuntu uwo ari we wese kukugirira nabi ngo agende atabiryojwe.

Niba sobuja ku kazi akwirukanye nta mpamvu, ntukarire, ahubwo kubera ko wasizwe, ushobora guhindukira akaba ari wowe umwirukana. Niba viza yawe, isoko, ibyangomwa cyangwa amasezerano byawe byanzwe, babwiye ngo "Ndabangiye!". Ntabwo ari ingenzi kuba ari sobuja, ugihagarariye, cyangwa undi wese, ukorera munsi y'iteka "ridakorwaho", kandi ntugomba gukorwaho.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi uwasizwe. Nkorera munsi y'amavuta ya gihanuzi. Ndashyushye cyane simfatika, kandi nunkoraho urarangira!**

**IBINDI BYANDITSWE**
2 Abakorinto 1:21-22



**1 Samweli 3:1**
**Uwo mwana Samweli yakoreraga Uwiteka imbere ya Eli. Kandi muri iyo minsi ijambo ry'Imana ryari ingume, ntakwerekwa kwari kweruye**

Amafaranga ntabwo ari mabi, ka mbisobanure. Iyo amafaranga aza kuba ari mabi, Satani yari gukora ibishoboka byose ukaba uyafite menshi. Ntabwo Satani ajya arwanya umugambi we. Kuba rero arwanya ko ugira cyangwa ugumana amafaranga bikubwira neza ko ubutunzi bwawe ari ikintu Imana ishaka kandi yagutoreye kugira. Bibiliya ibivuga neza ngo Imana ishaka ko ugubwa neza (3 Yohana 1:2) kandi ukabaho ufite byose.

Imana ntigira ikibazo kuba ushaka kugira amamiliyoni. Ishaka ko uba umukire! Icyo irebe ariko ni impamvu igutera gushaka gutunga miliyoni. Numara kumva ko Imana ari umushoramari w'umuhanga, uzasobanukirwa byinshi! Imana ihora yiteguye gushora aho izabona inyungu nziza. Hana yarabyumvise maze abasha gutuma Imana ishora mu mushinga we.

Bibiliya ivuga ko ijambo ry'Imana ryari ingume kubera ko nta muhanuzi wari uri muri Isirayeli. Hana yashakaga umwana, n'Imana yashakaga umuhanuzi. Maze agirana amasezerano n'Imana: numpa umwana, nzamugusubiza akubere umuhanuzi, Imana irabyemera! Ese kuki ushaka kuba umutunzi? Impamvu ni ingenzi. Imana niba yungukira mu kugira miliyoni kwawe, miliyoni zizaza mu nzira zawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Amafaranga yange akomeje kuza kubera ko yatorewe umurimo. Ku bw'ubutunzi bwange, ubwami bw'Imana buzaguka. Niyo mpamvu, intsinzi yange mu butunzi ari ihame. Nzatunga ntatsinzwe kandi nzabaho ubuzima bw'Ijuru kw'Isi!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Zakariya 1:17



**Yakobo 4:9-10**
**Mubabare, muboroge, murire, ibitwenge byanyu bihinduke kuboroga, ibyishimo bihinduke agahinda. Mwicishe bugufi imbere y'Umwami Imana kuko ari bwo izabashyira hejuru.**

Ubwibone ni ikinyoma wizera kuri wowe, kandi igituma ubwibona bwica gahoro gahoro niko byiyambika imyambara y'ibintu dusanzwe tuzi ko ntacyo bitwaye. Urugero, uzumva kenshi abantu bavuga ngo "ngira isoni" cyangwa ngo "ntabwo nkunda kugaragara cyane. Byaba byiza ngumye inyuma aho batambona." Ibi byose ni amayeri yo kwihisha k'ubwibone akoreshwa kugira ngo bwemerwe nkaho ari ukutigirira ikizere.

Nyamara, ntabwo ari ukutigirira ikizere, ahubwo ni ugushaka kurinda agaciro kawe aho kubungabunga agaciro k'Imana. Ubwibone ni impamvu umuntu yiha kugira ngo asuzugure Imana kandi ahishe kwigomeka muri we. Ni ubwibone byateye Satani kwirukanwa mu kubaho kw'Imana bimugira Se wo kwigomeka. Yesu, ku rundi ruhande, yicishije bugufi, maze biba ishingiro ryo kubaha.

Yavuye mu mwanya yari yisanzuyemo, maze aza ku isi, yambara akamero k'umugaragu (Abafilipi 2:7). Ntabwo yameye kugira isoni no kubangamirwa. Inshingano yari afite nizo yari ashyize imbere. Ntusige umwanya wo gukiniramo n'ubwibone, kandi Imana izaguhishurira umugambi wayo utangaje izagukoreramo ngo amahanga yose abibone!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mpishura ubwiza bw'Imana muri nge nkuraho impamvu yose y'ubwibone. Ntabwo ntinya icyo abantu bavuga. Mbayeho ngo nshimishe Imana gusa, kandi kuyumvira kwange bingira intwari!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Matayo 5:16



**2 Abakorinto 13:14**
**Ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo, n'urukundo rw'Imana, no kubana n'Umwuka Wera bibane namwe mwese.**

Sinari nzi ko Umwuka Wera ari umuntu imyaka myinshi. Nasomye ibyanditswe; nanigisha ku Mwuka Wera, ariko ukuri ko kuba ari umuntu kwanyinjiyemo igihe nahuye na we mu ihishurirwa bigasiga nta gicucu cyo gishidikanya ngifite ko Mwuka Wera ari umuntu. Nari nicaye mu cyumba cyange, ubwo urumuri rwaka cyane rw'umweru ryuzuye aho nari ndi, maze rugahita ruhindukamo ishusho y'ikiremwa kiriho. Icyo kiremwa kicaye imbere yange maze gitangira kwivuga kiti, "Ndi Umwuka Wera."
Mwuka Wera si umuriro, umuyaga, amazi, cyangwa inuma. Ibyo byose ni ubushobozi buke bwa muntu byo kumva imigendere n'imikorere ye. Kumwerekana kuriya ni agasuzuguro. Ni umuntu ufite kamera itandukanye. Ni we ufungurira umutima wawe kwakira ukuri kuwo Yesu ari we. Ushobora kwicarana na we, gusangira na we, gusekana na we, no kuganira na we ibitekerezo n'imishinga yawe.

Ushobora kumubaza ibibazo byerekeye ibyo wasomye muri Bibiliya utumvise. Ushobora kumubwira amabanga y'umutima wawe. Nta buzima bwimbitse budafite umubano wimbitse n'Umwuka Wera.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Muri uyu mwaka w'Ijuru kw'isi, nzamumenya nk'Umuntu kandi nzishimira ubusabane bwange n'ubushuti bwange n'Imana kurusha mbere! Ndi inshuti y'Imana.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yohana 14:16



GoodNews DAILY



**Abefeso 1:21**
**Imushyize hejuru y'ubutware bwose n'ubushobozi bwose, n'imbaraga zose n'ubwami bwose, n'izina ryose rivugwa uretse muri iki gihe gusa, ahubwo no mu bihe bizaza.**

Ukuri ko kuba "muri Kristo" kurakomeye! Bitekereze, ubushobozi n'ibyiza byose by'ibintu urimo - kuba byose bikwegereye. Noneho, Bibiliya itubwira ko Kristo yicaye iburyo bwa Data, hejuru cyane y'ubutware, ubushobozi, imbaraga, ubwami, n'izina ryose rivugwa. Ubwo ari ho ari, niho nawe uri.

Bivuze ko, iby'ukuri kuri We, ni ukuri kuri wowe, atari gusa mu bihe bizaza ahubwo, nonaha!
Ni irihe zina watekereza? Icyangombwa si iryo ari ryo, uri hejuru yaryo cyane! Naho se gutsindwa, kanseri, cyangwa indwara abaganga basanze urwaye? Uri hejuru cyane! Ibibazo byanze gukemuka mu rushako rwawe, ubushomeri, cyangwa ubwoba – byose uri hejuru yabyo cyane! Ibyo byose nta nakimwe cyagukoraho keretse wowe umanuye urwego rwawe ukabyegera mu biterezo byawe, mu byo wizera, cyangwa uvuga. Guma mu mwanya wawe w' ikiruhuka kandi w'imbaraga. Guma kwiyumvisha ukuri kw'ahantu uri: uri muri Kristo. Ntabwo ugerwaho!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Imbaraga zange ziri mu mwanya wange muri Kristo. Nicaye muri We, nicaye neza mu kiruhuko. Ntabwo nterwa ubwoba kuko nta dayimoni yankoraho. Nanze kugabanya urwengo ndiho. Gukomera kwange kurarenze, kandi navukiye ubuzima bwo hejuru!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abefeso 1:17-23; 1 Yohana 4:17



**Matayo 6: 20-21**
**Ahubwo mwibikire ubutunzi mu ijuru aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abajura ntibacukure ngo babwibe, kuko aho ubutunzi bawe buri awri ho n'umutma wawe uzaba.**

Ntabwo bishoboka ko umutima wawe ukurikira Imana kandi nzi neza ko byakugora kwemera kubera ukuntu banatu bavuga. Abantu bavuga ngo "agira umutima mwiza" kandi ijambo ry'Imana ritubwira ko umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana kandi ufite indwara ntiwizera gukira (Yeremiya 17:9). Iyaba umutima wemerewe guhitamo tutitaye ku ijambo ry'Imana, wakora amahitamo mabi. Ibyo bituma bigorana kandi bidashoboka ko umutima wae uba hafi yImana.

Rero, ni iki wakora ngo wegere Imana? Ushobora guhata umutima wawe kujya mu nzira yImana. Gute? Wabikora uko ukoresha ibyagaciro byawe. Umutima wawe ukurikira ubutunzi bwawe. Ibyagaciro byawe ni iki? Ni ubutunzi, ibifite umumaro n'amafaranga! Ibyo ukoresha amafaranga yawe bigena uko uri hafi yImana. Umutima wawe ukururwa n'ibyagaciro gusa – amafaranga. Rero iyo Imana ikubwira gutanga icyacumi namaturo kandi ikanagukangurira gukoresha amafaranga yawe kugira uhamye umugambi ukiranutse ku isi. Iba iguhaye Ibanga ryo kuyegera. Buri gihe utanze ku Mana kubw'impamvu y'ubwami, uba uri guca inzira umutima wawe uzakurikana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ibyo mfite byose ni ibyImana. Iyo Imana ishaka umuntu utanga ubyishimiye kandi utateguwe, izajya imbona buri gihe**

**IBINDI BYANDITSWE**
2 Abakorinto 9:7



**Abefeso 4:29**
**Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo mujye muvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi, kugira ngo riheshe abaryumvise umugisha.**

Abantu, mu mpande zitandukanya z'isi, Bari gukurwa mu mazu yabo Atari uko babuze amafaraga yo kwishyura ubukode cyangwa bagaterwa n'imyuzure. Ariko kuko hari imyanda. Ibyinshi. Ahantu hamwe nahamwe, ibimoteri biruzirana bikaba "imisozi yimyanda" ahandi harahumanye cyane kuburyo uhumurirwa uruzi mbere yuko urubona.

Umwuka wo kubora ugukubita nko mu birometero 100. AHantu hamwe ni ahantu imigezi ine itangirira. Igafunganya aho itembera no kubora ndetse no kuhakikizwa no guhumana ndetse n'indwara zandura zikaranga ahantu hakikije uwo mugezi. Isuku ni kimwe mu bintu byingenzi bigize ubuzima n'ibidukikije. Irinda ubuzima, igatuma igihe cyo kubaho kiyongerakandi byagaragajwe mu buryo bw'ibarura ko bifitiye inyungu ubukungu.

Imana nayo yashyize sisitemu y'isuku y'indani mu mubiri wawe kugira ikureho buri kintu kitagenewe kuba aho. Udafite iyo sistemu y'isuku y'indani, umubiri wawe waba wuzuye imyuka ihumanye ndetse na sisitemu y'imbere ihumanye kandi wageze igihe ugafa. Imana yarongeye igena sisitemu y'isuku y'umunwa wawe. Yitwa kozwa kw'amazi y'ijambo ryImana. Umunwa wawe waremewe amagambo atanga ubuzima atuma ubaho neza kandi igatuma sistemu igira uburinganire. Rero, tuma ubuzima bwawe bubaho nta mwanda kandi ukureho kwatura kudahwitse.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Umunwa wanjye ni iriba ry'ubuzima. Wbikiwe ijambo ryuzuye. Nanze guhumanya ururimi rwanjye n'amagambo ya Satani. Umunwa wanjye urejejwe ku bw'icyubahiro cy'Imana no kuba neza kurushaho.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abefeso 4:22-32



**Matayo 5:14**
**"Muri umucyo w'isi. Umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha.**

Nyinshi mu ndirimbo z'abakristo zifite guca bugufi ndetse zumvikana ko zivugisha ukuri. Ariko mu byukuri ntabwo ari byo. Kuva ku myaka mito, dutozwa kwiga amagambo y'indirimbo zidahura n'ijambo ry'Imana. Urugero indirimb "uyu mucyo wanjye mucye" (mu cyongereza), ni imwe mu ndirimbo zizwi cyane mu ndirimbo za gikristo, nyamara igabanya ukuri kwabo turi bo muri Kristo. Umwami yesu yiyitiriye umucyo w'isi (yohana 8:12). Maze atwita njyewe nawe umucyo w'isi ndetse n'umujyi uri ku musozi utabasha gutwikirwa.

Ntakintu gito kuri wowe. Uri umujyi wose! Muri wowe, harimo ibitaro, imihanda migari n'imiyoboro y'imihanda, sistemu z'ubukungu, inyubako zigishirizwamo ibiryo, n'amacentre, amzu Manini n'ibindi! Uri inkingi y'umucyo iri ahantu habugenewe iri ahantu hejuru kugirango isi yose ikubone kuko Imana yakuremereye kuba. Rero, ntukigire muto ngo ujye mu mwanya y'ibwina cyangwa ikintu gito. Urarabagirana byo kubura kandi uri munini wo guhisha.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndaka mu mwuka kandi umucyo wanjye ntuzazima. Ndi ukemura ibibazo byose ku muryango wanjye naho ndi hose. Isi yose izabona igisubizo muri njye.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yesaya 60:1-3



**Imigani 12:18**
**Habaho uwihutira kuvuga amagambo yicana nk'inkota, Ariko ururimi rw'umunyabwenge rurakiza.**

Tuba mu gihe aho kwatura bimaze gusakara mu bantu. Abantu bamaze gufatiraho bakavuga ibintu, maze ibyo bifuza bikaba. Iyi ni technology y'ubumana, y'ijwi ryakumvwa n'umukristo n'utari umukristo bose kimwe. Ariko twahawe tekinologi twebwe twenyine twakoresha. Bibiliya itubwora ko duhindurea bashya iyo tuvuga mu ndimi (1 corithians 14:14). Indimi zigira umumaro ku bintu by'umwuka no kubuzima bwawe.health.

Ubu, ijambo "guhindurwa" risobanuye kubaka cyangwa gusaba inzu. Ijambo "inzu" mu byanditswe akenshi risobanuye imibiri yacu. Rero iyo ikintu kigenze nabi ushobora gukira no kuwukomeza uvuga mu ndimi. Iyi ni inyandiko y'ubuvuzi yawe niba wisanze ufite ibimenyetso n'uburwayi. Indimi ziri hejuru kuri technology iri hejuru y'ubuvuzi. Ushobora usenga mu ndimi igihe icyo aricyo cyose, ahantu hari ho hose. Uko usenga, jya usenga ufite intumberokandi witaye ko umubiri wawe ukira. Urebe ukuntu umubiri wawe ukira. Uko ubikora utarekera, uzabuganbuga gukira kwawe kandi uzaba ukingiwe indwara.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Umwuka uri hejuru uri mu mubiri wanjye. Uko mvuga nk'igihome cyo mu bumana mu rurimi umwanzi atumva. Buri kimwe mu buzima bwanjye bujyanye nubushake bwImana.**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 abakorinto 14:4



**Mariko 4:24**
**Inkuru ye yamamara i Siriya yose, bamuzanira abarwayi bose n'indembe barwaye indwara zitari zimwe, n'abatewe n'abadayimoni, n'abarwaye ibicuri n'ibirema arabakiza.**

Amagambo uvuga arakomeye! Ubuzima bwawe uyu munsi ni icyavuye mu magambo wavuze ejo. Rero, ni ngombwa kumenya uwo wumva. Kandi uwo wumva ni ingenzi cyane kuko ibyo wumva niyo magambo uvuga usubiramo. Nicyo kigira indirimo imbaraga. Amagambo y'indirimbo asubirwamo cyane. Ayo magambo aba icyo watura ndetse n'ibintu uvuga bikaba.

Amagambo wumva akugiraho ingaruka wabyanga wabyemera. Wari wisanga uri kuririrmba indirimbo utapanze kuza kurriimba? Uribaza "ibi byo bivuye hehe?" ishobora kuba ari indirimbo wumvise kera utarakira Kristo. Kuki ibyo biba? Nukubera amagambo aba yarinjiye mo. Niyo mpamvu ukwiriye kwitondera ibyo wumva. Iyo ari ijambo ry'Imana, wumve ijwi rimwe. Iri ryo. Kumva ijwi rimwe kuraho ibirngaza byose hanyuma ukumva ijwi rimwe. Uzisanga uri kuvuga ibyo bavuga kandi imbaraga zabyo zizaba izawe. Hindura magambo wumva hanyuma uzahindura ibyo uvuga n'ibyo utekereza. Hindura uburyo uvuga, uzahindura ubuzima bwawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mvuga ibyo bibiliya ivuga kuri njye nk'icyaremwe gishya. Mpinduwe n'umwuka wlmana. Ubuzima bwanjye ni icyavuye cyemejwe mu ijambo ry'Imana.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Imigani 22:17-18



GoodNews DAILY



**Itangiriro 2:22**
**Urwo rubavu Uwiteka Imana yakuye muri uwo muntu, iruhindura umugore imushyira uwo muntu.**

Binyuranyije no kwizera kwa benshi, nibigezeho n'imyumvire, urushako ni urw'umugabo. Imana yaravuzed ngo si byiza ko umugabo aba wenyine (Itangiriro 2:18) amuha umufasha "Umufasha" ntibisobanuye umukozi. Ni agace kaburaga, iyo kabonywe kuzuza igishushanyo mbonera. Ni ngombwa ko tumenya ko umugabo tarari wenyine. Ntabwo yari azi ko hari agace kabura. Ni Imana yakoze ibyo. Ni ukuvugango urushako si uko uri wenyinr ni uko Imana ibonan uri wenyine.

Urugo ni programu YImana yagenewe gutanga icyo itabashaga kugezeho. Yari igisubizo ku bwingunge bw'umugabo. Nubwo Adamu yasabanaga n'Imana buri munsi. Yarakiri wenyine, ari byo Imana yavuzed ko Atari byiza. Noneho, ikemura ikibazo cyo kuba wenyine, igikemurisha Umugore. Ntabwo Imana ariyo yikuyemo umugore.ahubwo yakuyemo urubavu rwa Adamu. Umugore yakuwe munn mugabo kandi agenerwa umugab by'umwihariko. Azanirwa umugabo. Nta rugo nta mugore n'umugabo. Kandi kubashaka ikinyuranye, mfitw igisubizo kimwe "nimuceceke, bibiliya iravuga hano.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nganduriye ubuizma bwanjye ku bubasha bwImana; kubwibyo urugo rwanjye ruzaryoha. Ntabwo nzatsindwa mu rushako rwanjye. Ndatuye ngo urushakio rwanjye rurahumanuwe mu izina rya Yesu rikomeye!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 abakorinto 11:8-9



**Mariko 7:9**
**Bansengera ubusa, Kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu.**

Bamwe bajya mu rusengero kuko ari umuco wabo. Bakajyayo kuko mama wabo na ba nyogokuru bajyagayo. Bakaza kuko abavandimwe babo ari bo bashumba, ariko kujya mu itorero ntabwo biva ku muco, ni ukubaha umwuka ukuyobora n'Ijambo ry'Imana. Kumenya itorero ujyamo bigusaba kuba ukangutse ku rugero runaka rw'umwuka. Bibiliya ivuga ko Imana yabongeraga abakizwa (Ibyakozwe n'intumwa 2:47). Rero Imana igukiza kandi ikagena itorero ukwiye kongerwamo, ntabwo ari nyogokuru.

Umuco ni gutsinda kutegera imbere. Ukorwa kuko ari ko konyine byakorwaga kugeza no muri icyo gihe. Umuco ukomeye kurusha ijambo ry'Imana. Imana yavuze umuco / akamenyero gashobora gutuma Ijambo ry'Imana nta musanzu rigira. Ariko iyo uhindutse umukristo, ijambo ryImana rigumba gukuraho umuco cyangwa akamenyero. Imana ni nkuru kurusha imivumo ikomoka ku bakurambere. Rero niba ufite guhitamo hagati y'ubutsinzi butava aho buri no gutsinda gutemba kandi gutanga ubuzima bw'Ijambo ry'Imana. Guma mu ijambo. Abagukomokaho bazagushimira nukora uko.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndatura ko ubuzima bwanjye ari moteri irimo amavuta ahagije, igendere mu kerekezo cyImana yatanze. Intsinzi nziza niyo ngira yonyine. Umuryango wanjye, ubukungu ndetse nejo hazaza hararinzwe, mu izina rya Yesu**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abaheburayo 10:23



GoodNews DAILY



**Itangiriro 1:16**
**Imana irema ibiva bibiri binini, ikiva kinini cyo gutegeka amanywa, n'igito cyo gutegeka ijoro, irema n'inyenyeri.**

Izuba ni kimwe mu bintu bigari muri sistemu yo mu kirere k'imbere, Ni nini cyane ihasaga million yisi yakwirwamo. Kugirango tugerageze kumva kugeranywa kwabyo, iyaba izuba rimeze nk'umusozi Everest, isi yamera nk'umuoira wa golf. Kandi ubugari bw'izuba ni celisiusi 5,500. (10,000 by'ifarinihati) by'ubushuye. Ariko Imana ni ngari kuburyo iruta iryo zuba.

Ingeri ziratandukanye, abantu bamwe na bamwe baba bashaka guhura na perezida, hari nabandi perezida ashaka guhura nabo. Kuki ataba wowe? Imana yakoze ibishoboka byose kugirango ikuzamure ku kigero gikuru. Yakuremye mu ishusho yayo no mugusa kwayo, Ni nini, buri kintu kuri wowe kigomba kwerekana ubugari bw'Imana. Utekereze byagutse muri uyu mwaka, ukore ibyagutse kuko Imana nkuru iba muri wowe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Urwego rwanjye ruriyongera. Abansuzugaraga nta mahitamo bazagira usibye kundeberaho. Ntabwo ntekereza bito! Ntwara umwanya wanjye mu isi y'Umwuka, guverinoma, na sosiyete, n'umuryango. Ndatura nshize amanga, Ndi Munini !**

**IBINDI BYANDITSWE**
Daniyeli 11:32



**Matayo 7:9**
**Mbese muri mwe hari umuntu umwana we yasaba umutsima akamuha ibuye,**

Imana niyo buhungira akenshi yibyo ari byo byose bigenda nabi mu buzima bwabantu. Ndetse nibigo by'ubwinshingizi ryarabivuze. Bavuga uko ibibazso byibiza ari "ibikorwa byImana" Iyo abantu bahuye nibiza, ibibazo ndetse nindwara. Ineza yImana yibazwaho. Ariko niwibazo impamvu yibibazo byawe ujye wibuka iki kimwe, Imana ni nziza!

Ineza Y'Imana ni imwe mu mahishurirwa magariakakira, cyane cyane iyo uri kugeragezwa. Ni umubyeyi mwiza utangira ubuntu buri kintu ukeneye kuko ntacyo uba wakoze ngo ube ubikwiriye. Ariko nuko ari mwiza. Rero, ntabwo ashaka ko ukira gusa iyo bija ku buzima bwawe.

Uko Yesu abivuga, gukira ni umugati, ndetse nudusigisigi twakor ibitangaza (matayo 15:26-28), Imana yaguhaye ibirenze umugati. Irashaka ko wishimira byinshi kurusha ubuzuima bwiza! Rero nuba utameze neza, ibuka ineza y'Imana, Vuga ijambo hanyuma ibimenyetso bigende. Komeza uvuge ijambo ryayo. Kugezaubwo ufashe Ineza yayo n'ubuzima nkaho ari ubuzima bwawe bwa buri munsi.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ijambo ryImana rizana ubuzima ku mubiri wanjye. Ukuri kwayo kuri gutuma umubiri wanjye ushiramo ububabare. Ndabohowe ku burwayi, indwara ndetse na kubabaara kose mu izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
Matayo 15:21-28

**Kuwa Gatandatu**
**Kamena 24**

# UMUGORE W'INZOZI ZE



**Itangiriro 3:20**
**Uwo mugabo yita umugore we Eva, kuko ari we nyina w'abafite ubugingo bose.**

Urushako ni umubyizi w'urukundo, ariko ntabwo ugomba kuba umubyizi ukomeye. Iyo umugabo ahuye n'umugore Imana ifata ko ari umufasha umukwiriye, ntabwo azaba ari umuziranenge. Kubitekereza gutyo ni ukwishuka no kwitego ibitari byo ku rushako rwawe. Adamu yahaye Eva izina n'umumaro yari akeneye, kandi ubuntu buhabwa umugabo ngo areme umugore yifuza. Imana ibwira umugabo icyo umugore akeneye kuba cyo mu buzima bwe, hanyuma we agomba kwihanganira umugore we ubwo amufasha kuba icyo.

Umugabo afite inshingano zo guhindura umugore umuntu w'umuziranenge imbere ye mu gukora kuri kamere ye, atari mu kunegura n'ibitutsi, ahubwo mu kumwuhagira n'Ijambo (Abefeso 5:25-26). Abona ibyo Ijambo rivuga hanyuma akamushishikariza kujya mu murongo w'icyo Ijambo rivuga. Umugabo afite mu nshingano kumwimurikira nk'uko Kristo yimurikira itorero (Abefeso 5:27). Rero ntucike integer. Sengera kandi ukunde umugore wawe nk'uko Imana idukunda. Urukundo rwa Kristo rwuzuza itorero. Amagambo ye azana ubwiza bwaryo. Ibintu byose akora n'ibyo avuga bigenewe kuzana ibyiza birusha ibindi byose muri we, aryambika mu bishura by'umweru bishashagirana, byaka ukwera. Uko ni ko abagabo bagakunze abagore babo n'uko buri mugabo yagira umugore w'inzozi ze.

Ukeneye byonyine ijambo kurushaho kugirango risimbure ugushaka kwibyo ushaka kuko umucyo utsinda umwijima. Ukeneye ijambo rivuga kuri aho hantu ufiteho ikibazo mu mutima wawe. Niba uri kugeragezwa no kwifuza fata ku ijambo ivuga ku kwera. Niba ubeshya, uzuza umwuka wawe nibyanditswe bwo gukoresha ururimi rwawe ibyukuri, byiza kandi byuzuye. Shaka irari ufite mu ijambo uritsindishe ibyisi hanyuma ureke ijambo rikore.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Inzara yijambo iri kwiyongera. Buri rari ryose rishyizwe imbere yumucyo wijambo ndetse numwijima bikuweho.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abaroma 7:19-25

GoodNews DAILY



**Abafilipi 2: 5-6**
**Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa.**

Ufite gutekereza kwa Kristo rero uzuza umutima wawe uko kuri kugeza ubwo kurengeye imitekerereze yawe. Gutekereza kwe ntago kwicwa n'agahinda, Gutekereza kwe ntabwo kujijwa, kandi gutekerezwa kwe ntago guta umutwe. Gutekereza kwe ntabwo kwabyara ibintu byakwangiza kubaho neza kwa nyirayo, uguterimbere no gukira. Gutekereza kwa Kristo ntabwo gutekereza ubukene kandi ntabwo kwabyara kubura. Kurinzwe ibitekerezo by'ubukene kandi ntabwo kwemera ibinyoma bya satani. Ni ko gutekereza ufite.

Ibyo ni iby'ukuri bikomeye ku gutekereza kwa Kristo, ariko watekereje kubyo uyu murongo ukubwira? Icyambere, uravuga, "yari afite akamero k'Imana yatekereje". Bivuze ko uko utekereza kugomba kugengwa no ubumenyi bw'Uwo ukozemo. Hanyuma hakavuga ngo ntabwo gutekereza kwa Kristo kutibitekereje nk'ubujura kugira akamero kamwe n'Imana. Yari azi We na Data ari umwe, badatandukanwa, kandi bafitike gutekereza kumwe! Tekereza byimbitse kuri uku kuri, uzisanga utekereza ibitekerezo biri ku rwego rw'Imana biri mu bumwe rwose no gutekereza kwa Kristo muri wowe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Gutekereza kwanjye ni inkike itinjirirwa, idashobora guterwa n'ibinyoma by'umwanzi. Ndenga iki ikirere cy'isi cy'imyumvire ya muntu gusa. Rero, ibidashoboka ntabwo ari ingingi. Gutekereza kwanjye kurafunguye ku byinjira n'ibyiyumviro by'Umwuka, kandi ntekereza ibitekerezo biri ku rwego rw'ubumana.**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Abakorinto 2:16



**Itangiriro 3:20**
**Uwo mugabo yita umugore we Eva, kuko ari we nyina w'abafite ubugingo bose.**

Urushako ni umubyizi w'urukundo, ariko ntabwo ugomba kuba umubyizi ukomeye. Iyo umugabo ahuye n'umugore Imana ifata ko ari umufasha umukwiriye, ntabwo azaba ari umuziranenge. Kubitekereza gutyo ni ukwishuka no kwitego ibitari byo ku rushako rwawe. Adamu yahaye Eva izina n'umumaro yari akeneye, kandi ubuntu buhabwa umugabo ngo areme umugore yifuza. Imana ibwira umugabo icyo umugore akeneye kuba cyo mu buzima bwe, hanyuma we agomba kwihanganira umugore we ubwo amufasha kuba icyo.

Umugabo afite inshingano zo guhindura umugore umuntu w'umuziranenge imbere ye mu gukora kuri kamere ye, atari mu kunegura n'ibitutsi, ahubwo mu kumwuhagira n'Ijambo (Abefeso 5:25-26). Abona ibyo Ijambo rivuga hanyuma akamushishikariza kujya mu murongo w'icyo Ijambo rivuga. Umugabo afite mu nshingano kumwimurikira nk'uko Kristo yimurikira itorero (Abefeso 5:27). Rero ntucike integer. Sengera kandi ukunde umugore wawe nk'uko Imana idukunda. Urukundo rwa Kristo rwuzuza itorero. Amagambo ye azana ubwiza bwaryo. Ibintu byose akora n'ibyo avuga bigenewe kuzana ibyiza birusha ibindi byose muri we, aryambika mu bishura by'umweru bishashagirana, byaka ukwera. Uko ni ko abagabo bagakunze abagore babo n'uko buri mugabo yagira umugore w'inzozi ze.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Urukundo rwanjye ruri kujya I bwina ubwo nkurikira umurongo ngenderwaho. Mfite ubuntu bwo gusohoza inshingano nahawe uko bikwiriye mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Abefeso 5:25-28



**1 Abakorinto 11:3**
**Ariko ndashaka yuko mumenya ko umutwe w'umugabo wese ari Kristo, kandi ko umutwe w'umugore ari umugabo we, kandi ko umutwe wa Kristo ari Imana.**

Nta buringanire mu rushako kandi ibi bitandukanye cyane n'ibyo isi ivuga. Ariko, ibi bimeze uko Imana yashyizeho umurongo mfatizo mu rushako. Iyo umugore ahisemo gushaka, aba ahisemo kuba munsi y'ubutware bw'umugabo we. Kuko Ijambo ry'Imana rivuga ko umutwe wa buri mugabo ari Imana, kandi unutwe w'umugore ari umugabo (1 Abakorinto 11:3).

Bivugwa ko umugabo ari umutwe, hanyuma umugore akaba ijosi, kugira ngo ahindukize umutwe mu ruhande ashaka rwose, ariko, ibi ni ukuri igice. Nubwo ari byo ko umugore afite ubuntu bwo kwemeza umugabo we biciye mu biganiro no mu kubaho bye by'ubumana, umumaro we nyamukuru ni ugushyigikira ibikorwa by'umutwe, hanyuma umutwe, umugabo we, akagena ibyo bikorwa.

No mu buryo bwa anatomy, ijosi ntirijya na rimwe riba hejuru y'umutwe ahubwo munsi yawo. Ni ubufatanye bw'ubuyobozi kandi ubufasha butuma uko kuyobora gushoboka. Ni muri uwo mwanya w'agaciro imbaraga n'akamaoro k'umugore bigaragara.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nagandukiye Kristo, kandi imbaraga zanjye ziri mu kumvira kwanjye. Nkurikira Ijambo mu mibanire yanjye, mu rushako, no mu bucuruzi. Ndategeka kandi ndatura buri mugambi w'umwanzi ku mibanire yanjye ukuweho kandi usibwe, mu izina rikomeye rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Petero 3:1-2



**Ibyakozwe n'intumwa 9:39**
**Petero arahaguruka, ajyana na bo. Asohoyeyo bamujyana muri icyo cyumba cyo hejuru, abapfakazi bose bahagarara iruhande rwe barira, berekana amakanzu n'imyenda Doruka yababoheye akiriho.**

Isoko y'Ubuto ni isoko yo mu migani itekerezwa ko yasubizaga ubuto muri buri wese wanywaga cyangwa agakaraba muri ayo mazo. Ugushakisha Isoko y'Ubuto ni uburyo bwa muntu bwo kubungabunga no kongera ubuzima. Ni umuhigo wo kwishuka utura mu busa no gutinya urupfu, ariko hari ikintu kirusha imbaraga isoko y'ubuto, kitwa kurama. Kurama birakomeye kurusha imva kandi biguha imbaraga zo kuriganya urupfu. Ariko, bihabwa abafite ishingiro ryo kurama kwabo mu kuba ingirakamaro.

Bibiliya itubwira ko Doruka yabaye uw'akamaro mu gukorera Imana kwe n'abantu baYo kueza ubwo igihe yapfuye, hari gihamya ndakuka ko yari agikenewe. Kubw'ibyo, urupfu rwategetse kurekura igipfunsi cyarwo, hanyuma agarurwa ku butaka bw'abariho. Ikibazo kinini gikomeza n'inyuma y'igihe ni, wakoresheje iki Ibyo Kristo yaguhaye? Ubu ni igihe cyo gutegura igisubizo cyawe. Kora ku buryo igihe cyawe ku isi kibara, ba uw'akamaro mu gukorera Imana kwawe n'abandi, uzaba wifatiye urufunguzo rwo kurama kwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndategeka kandi ndatura ko ntazapfa mbere y'igihe cyanjye. Nzongera iminsi yanjye nshyiraho ikimenyetso kitazasibangana.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Zaburi 90:12



**2 Samweli 6:6**
**Bageze mu mbuga ihurirwamo ya Nakoni, Uza arambura ukuboko kuramira isanduku y'Imana kuko inka zari zitsikiye.**

Mu bukungu bw'Imana, ntabwo wemerewe gusimbuka intera. Niba iguhaye ibwirizwa kandi ikakubwira gukora ikintu mu buryo runaka, bikore nyine uko yabikubwiye. Nka Uziya yabimenye bibabaje, iri ni isomo ryigwa neza mu ibwirizwa kurusha kubinyuramo. Imana yatanze amabwiriza y'ukuntu isanduku y'isezeramo igomba gutwarwa kuva ahantu hamwe ijyanwa ahandi, kandi yari itegereje ko ayo mabwirizwa akurikizwa uko ameze.

Isanduku yagombaga gutwarwa gusa n'Abalewi, kandi nta muntu wayikoragaho. Igihe isanduku yakurwaga i Bāla y'Abayuda ijyanwa mu Mujyi wa Dawidi, yaranyeganyeze mu igare yari itwawe mo. Uza arambura ukuboho ngo akomeze isanduku ariko yica amabwiriza y'Imana mu kuyikoraho. Ryari ikosa ryamutwaye ubuzima bwe.

Igihe cy'Ubuzima Bwimbitse bivuze kwita bikomeye ku bintu n'amabwiriza y'Imana. Sobanukirwa ko ari Umubyeyi ukunda, ariko ni Umucamanza utabera. Ntabwo ushobora kugira umugambi mwiza kurusha uWe. Rero, wigerageza gufasha Imana uYikorera ibintu nta ruhushya rwayo. Buri bwirizwa Itanga ni ingirakamaro kandi ifite intego hamwe no gutekereza kw'ibitugwa neza. Icyo ukeneye gusa ni ugukurikira icyo Ivuga.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umugaragu w'Umwami. Rero, icyo cyose Ambwiye gukora, nzagikora.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Luka 6:46; 1 Abakorinto 1:25



**Yesaya 12:3**
**Ni cyo gituma muzavomana ibyishimo mu mariba y'agakiza.**

Agakiza ni igitangaza! Ni ukurokorwa kw'ubugingo bwawe ku kuba umwe n'Imana by'iteka ryose, wibikira umwanya wawe mu Bwami bw'Imana, n'ibindi byinshi. Hari amariba y'agakiza aho wavoma, amasoko atanga ubugingo agukomeza kandi akakugira mushya. Agakiza kavuze kubohorwa, ubufasha, gutabarwa, intsinzi, ubuzima bwawe no gutera imbere. Halleluyah!

Ibyo ukeneye byose n'ibyo wazigera ukenera wabihawe igihe wakiriye agakiza kuko igihe wakiriye agakiza, wakiriye Yesu! Icyubahiro kibe icy'Imana! Muri we hari ububiko bw'agahebuzo bw'ibyo ukeneye. Nta no gutangara iyo Bibiliya ivuze ko muzavoma ibyishimo mu mariba y'agakiza! Ibyo uri kubamo bishobora gusa nk'aho bihakanya ukuri kw'agakiza kawe.

Ubuzima bwawe bushobora gukenera kwitabwaho. Konti yawe ya bank ishobora gukenera guhumurizwa. Umuryango wawe ushobora gukenera kubohorwa. Ibintu bishobora kuba biri kuba bikagutera kumva utishimye. Ibyishimo bituruka ku birinkuba. Umunezero, ku rundi ruhande, uhoraho kuko ushingiye ku kubaho kwa Yesu (Zaburi 16:11) mu buzima bwawe n'ibyo Azana byose. Hari Ijambo rya buri kintu cyose ukeneye. Ayo ni amazi. Yavome hanyuma unezererwe, uzi ko icyari cyo cyose gikenewe, igisubizo cyaratanzwe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite umunezero udashira kuko Umwami Yesu ari kumwe nanjye. Ndafashijwe. Ndi umutsinzi. Ndabohowe. Ubuzima bwanjye bujya mbere kandi ibyo mbona ni iterambere! Nzanezerwa, ndyoherwe, nirukane satani! Halleluyah!**

**IBINDI BYANDITSWE**
1 Abatesalonike 5:16

# ICYANDITSWE CY'UBURINZI

## YESAYA 54:

14 NUBATSWE NKOMEYE, NSHINZWE MU GUKIRANUKA. KURE Y'IKIBAZO CYOSE—NTACYO GUTINYA! KURE Y'BITEYE UBWOBA –NTABWO BIZANANYEGERA!

15 UMUNTU UWARI WE WESE NANTERA, NTABWO NZATEKEREZA NA RIMWE KO ARI IMANA YABOHEREJE. KANDI UMWE NANTERA, CYAKIZAVAMO.

16 IMANA YAREMYE UMUCUZI UTWIKA INYUNDO YE, AGAKORA INTWARO YAGENEWE KWICA. NI NAYO YAREMYE UMURIMBUZI.

17 ARIKO NTA NTWARO YAGIRA ICYO INTWARA YIGEZE ICURWA. UWO ARI WE WESE UNDEGA AZIRUKANWA NK'UMUNYABINYOMA. NDI UMUKOZI W'IMANA KUGIRA NGO ICYO NATEGEREZA, KO IMANA IZAKORA KU BURYO BURI KINTU GIKORERA KUZANA IBYIZA BIRUSHA IBINDI BYOSE KU BWANJYE.

IBI NI BYO IMANA IMVUGAHO
NTABWO BIZAPFUBA MU IZINA RYA YESU!

TRANSLATED FROM THE MESSAGE BIBLE IN ENGLISH



# ESE WAKIRIYE YESU KRISTO?

TURAGUTUMIYE KUGIRA UHINDURE YESU KRISTO UMWAMI W'UBUZIMA BWAWE MU GUSENGA IRI SENGESHO;

O MWAMI MANA, NJE IWAWE MU IZINA RYA YESU KRISTO. NIZERA N'UMUTIMA WANJYE WOSE MURI YESU KRISTO, UMWANA W'IMANA IRIHO. NIZERA KO YAMFIRIYE KANDI IMANA IKAMUZAMURA MU BAPFUYE. NIZERA KO ARI MUZIMA UYU MUNSI. NDATUZA AKANWA KANJYE KO YESU KRISTO ARI UMWAMI W'UBUZIMA BWANJYE GUHERA UYU MUNSI. MURI WE NO MU IZINA RYE, MFITE UBUZIMA BW'ITEKA RYOSE; NAVUTSE BWA KABIRI. URAKOZE MWAMI, GUCUNGURA UBUGINGO BWANJYE! UBU NDI UMWANA W'IMANA. HALLELUYAH!

MBEGA IBYISHIMO! UBU UBAYE UMWANA W'IMANA.

---

TO RECEIVE MORE INFORMATION ON HOW YOU CAN GROW AS A CHRISTIAN, PLEASE GET IN TOUCH WITH US ON


UK: +44 3333 448 612

USA +1 240 781 6942

RSA +27 51 004 0209

WWW.UEBERTANGEL.ORG | WWW.GOODNEWSWORLD.COM


THE GOODNEWS WORLD
Become a
GoodNewsWorld
PARTNER
PARTNER NOW AND HELP SPREAD
THE GOODNEWS AROUND THE WORLD
VISIT www.goodnewsworld.com/ partner


TheGoodNewsWorld Helplines
USA: +1 (240) 781-6942
UK: +44 333 344 8612
RSA: +27 (51) 004-0209
www.goodnewsworld.com